# Ubumwe Butagaragara Bw'Umugeni wa Kirisito

Shreveport, Louisiana USA

25 Ugushyingo 1965

1 Nasubitse umwanya wo guhiga, nakoze ibi nk'umurimo nkorera Umwami... Tunejejwe no kuba hano, ubwo mperuka hano, ndizera ko nababwiye nti: "Igihe cyose tugarutse, haba habura umuntu. Kandi tubaye umwaka utaha tugarutse, Umwami abaye atinze, hazaba habura umuntu."

Hari umuntu wambaga hafi cyane, ku mutima no mu bitekerezo, yari mwene Data Lyle, igihe cyose nakirwaga neza, ubwo nabaga mpageze kandi ubwo, mu biro bya mwene Data Jack, numvaga aririmba indirimbo za kera ziririmbwa n'abantu bane, baririmba mubwiza, uyu mugoroba, ni byiza, hari, rimwe muri aya majwi ryamaze kugera hariya, ritegereje andi atatu, wenda ahari ko ntazongera kuryumva ukundi, aha kuri iy'Isi , ibihabanye, mbega ukuntu nezerwa, Mwene Data na mushiki wanjye Moore, niringiye kuzongera kumwumva, muri kiriya gihugu, aho ba… ahatazaba Umwijima na mucye.

2 Mwene Data Palmer yari umugaragu ukomeye wa Kristo, ndibuka, Mwene Data Jack yambwiraga ku-k'ubuzima bwe bwiyeguriye Imana. Barakoranaga, bari ababaji. Nuko yambwiraga ko mu gihe yafataga ifunguro rye rya saa sita, yabaga afite umugati we mu kiganza, akarya umugati arinako asoma Bibiliya ye. Murabona? Mwene Data Palmer yakoze ibintu bikomeye, nyakuri. Yari umubaji mwiza, umupapa mwiza wa bana be - umuryango w'igikundiro, bose yabareze kugira ngo bakorere Umwami, uko mbizi, bose barakijijwe kandi bujujwe Umwuka Wera, kandi ibyo, magingo aya, ni umusanzu ukomeye k'umugabane w'umuntu uwo ari we wese, abahungu n'abakobwa, ariko, ibyo yakoze byose ntibyashoboye gutanga ibintu bikomeye hanyuma, keretse kuba yarakoreye Imana, Iyo ataza kuba yarakoreye Imana, kandi uyu mugoroba, ibyo yashoje hano ku Isi, ibikorwa bye byiza, agiye asanga ingororano ze, zaramuherekeje hariya, Imana iruhure ubugingo bwa Mwene Data.

3 Nzi ko, igihe aha hantu hazaba ingando, nzi ko ijwi rye rizahora aha. Mushobora kuryumva. Mushiki wacu Anna Jeanne na murumuna we, kuri orgue no kuri piyano ntibigeraga bategereza. Mwene Data Palmer yarahagurukaga hano, maze agahita atera indirimbo ako kanya, maze agakomeza atyo, bo baramukurikiraga, nta na rimwe na…nanezezwaga mu bitekerezo no kumva ayoboye indirimbo.

Ku bana be, ku mugore we, kuri Mwene Data Jack, inkora mutima ye, ababaye inshuti na we mu myaka myinshi, kandi no kuri Mwene Data Brown, mushiki wacu Brown, namwe mwese bo muri iyi ngando, ndavuga nti: "Imana Ibahe umugisha, nanjye ubwanjye ndamubuze. Imana iruhure ubugingo bwe bw'Igiciro, kugeza ubwo tuzongera guhura mu mahoro Twubike imitwe

4 Data wo mu Ijuru, wuzuye ubuntu, uyu mugaragu ukomeye turi kuvuga, mbababajwe no kubura kwe uyu mugoroba, igihe twabaga turenze umuryango, yampaga ikiganza, no kumwenyura yahoranaga, iyo yavugaga ati: "Imana Iguhe umugisha Mwene Data Branham" , nzi ko yazamutse mu rugo rwawe, uyu mugoroba. Bityo, ndasenze, Mana mukundwa, Wemere ko imbuto ko, imirimo ye, imuherekeje, iba iy'ubwiza. Ikomeze gukurikirana binyuze mu bana be n'umugore we, turasenze ngo ubahe Umugisha, Mwami, wavuze ko uzaba umugabo: w'abapfakazi nyakuri, bapfakaye''. Nsengeye uyu mushiki wacu Palmer ndetse n'abana be bose, nifatanije nabo mukababaro, nkuwabuze inshuti, kandi nkubuze Data.

5 Rero, Data, mu gihe turi hano, uyu mugoroba turasenze ngo utegurire imitima yacu na yo kuri iriya saha. Nta byo tuzi. Iriya saha ishobora kudutungura, nk'uko byamugendekeye, ntituzi igihe izagerera, ariko tuzi ko igomba kugera, rero, turasenze, yoo Mana, ngo urondore imitima yose, hano uyu mugoroba, yoo Mana ntusige uwanjye ku ruhande, rondora uwanjye na wo, kandi ungerageze, Mwami, niba hari ikintu kibi muri twe ugikuremo. Turashaka kugukorera. Ni yo ntego rukumbi yacu: kugukorera.

6 Suka Umwuka wawe kuri twe uyu mugoroba, no mu minsi isigaye y'icyumweru.

Ha umugisha iyi ngando yitwa Ingando y'Ubuzima, bakire imigisha yose y'iryo zina, buzuzwe ubuzima bw'Imana muri iki cyumweru, k'uburyo buri bugingo bwazimiye bukizwa, kandi buri mwizera wese yuzuzwa Umwuka Wera, kandi ibyiringiro biri muri twe bihindurwe bishya, Mwami.

Turasenze kandi ngo ukize abarwaye bose n'imbabare bari buze hagati yacu, Umwuka wawe Wera ukomeye abe hano, Mwami, kandi akize ndetse Asige buri wese muri bo, kugira ngo bizere, bitwemerere, Data.

Yoo Mana, mfasha none aha, niba ari ibyanjye, niba ari ahanjye ubu kuzana ubutumwa, ndasenze, Yoo Mana, ngo ukureho iby'umuntu byose, Umwuka Wera aze akorere, Mwami. Tuzi ko tudashoboye.

Ntitwabyigezaho ubwacu, nta n'umwe muri twe wabishobora, ntitwiyitirira gushobora kubigeraho, ariko, Mwami, tuzi ko ari wowe. Niyo mpamvu twishingikirije kuri wowe, Mwami, kora, Umwuka w'Imana kandi utumanukeho bundi bushya, tubisabye mu izina rya Yesu Amen.

7 Noneho, nifuzaga gusuhuza amatorero yose ahurijwe hamwe natwe muri uyu mwanya, muri Leta zitandukanye, duhujwe na telepfone, ni gahunda y'ikoranabuhanga twashoboye kugira dukesha Mwene Data Pearry Green, w'i Beaumont, muri Texas. rero amatorero yose akurikiye ubutumwa, kuva mu

ruhande rumwe rwa leta Zunze Ubumwe Za Amerika kugera mu rundi, bahujwe natwe uyu mugoroba, tubohererereje intashyo zacu, hose mu ruhande rw'Iburengerazuba, uhereye i Vancouver ukageza Tijuana, muri Mexique, mu kunyura kuri SanJose na Los Angeles. Amatsinda yose ari hariya, turabasuhuje, uhereye i Shreveport, ndetse ukageza i Prescott, muri Arizona, ku itsinda riri hariya, ritegereje Umwami, tubohererereje intashyo zacu, ni bimwe n'i Tucson, kandi kimwe n'i Sierra Vista, kugeza i NewYork, uhereye mu Majyaruguru ukageza mu Majyepfo y'igihugu, Umwami abahe umugisha, buri wese, nakishimiye ko mwakabaye hano, uyu mugoroba, muri iyi leta nziza ya Louisiane, iyo mfata nk'iwanjye hakabiri, njye…

8 Murabizi, mwebwe, abantu b'i New York, basetsa gacye rimwe na rimwe ku buryo bwanyu bwo kuvuga, uyu mugoroba, nyakuri ndi iwanjye, yego hano muzi, bose baravuga bati: "He mwaramutse, Mwene Data Branham, nuko zana na mushiki wacu Branham kandi uzane n'urubyiruko rwose, muze muturebe." Yoo! Ibyo biranezeza, ku bwanjye, mu cyongereza cy'ukuri, simvugiye ibi kugira ngo nirengagize mwebwe, abantu b'Iburasirazuba, bo mu Majyaruguru n'ahandi hantu hatandukanye, ariko, ntekereza ko navutse ntya, umusaza wo mu Majyepfo, ngomba kuguma ntyo, ku giti cyanjye, ndabikunda cyane, ni icyongereza cy'ukuri.

Nta gihe kinini gishize, nari ku ifunguro rya mu gitondo ry'Abacuruzi, nuko baravuga bati: "Tugiye guhaguruka nonaha turirimbe indirimbo y'igihugu" narahagurutse ndavuga nti: "Ku bw'agace kanjye ka kera ka Kentucky hariya hose." Ni iki ushaka, kuri njye, iyo niyo yari indirimbo y'igihugu, ni byo narinzi kuri byo, rero tubohererereje intashyo zacu. Nonaha, kubwo…

9 Nizera ko bagiye kugerageza gukwirakwiza ifunguro rya mu gitondo na ryo, ifunguro rya mu gitondo ry'Abacuruzi, ku wa gatandatu mu gitondo, Mwene Data Green arabibabwira, ari hariya, iruhande rw'indangururamajwi, muri uyu mwanya, rero, arababwira isaha ifunguro rya mu gitondo rizatangirira, kandi n'isaha ya buri mugoroba, mushobora kumviraho. Turabashimira cyane. Mudusengere.

10 Noneho, ku itorero ry'aka gace hano, no ku ngando ya Mwene Data Jack, ndifuza kubasaba ubufasha, uyu mugoroba noneho ndashaka gutanga Ubutumwa bwanjye bwo Gushima (Thanksgiving) kuva mu ruhande rumwe ukageza mu rundi rw'igihugu, uyu mugoroba ku matorero yacu yo muri aka gace akurikiye ubutumwa, birashoboka ko nshobora gutinda gato, kandi birashoboka ko nakwigisha ku mahame, rero niba bibaye bityo, kandi tukaba tutemeranywa kuri byo… Nk'uko njya mbivuga kubirebana no kurya umugati wa serise, igihe nshinze iryinyo ku urubuto, si njugunya umugati wa serise wose, nijugunyira gusa urubuto, maze nkikomereza kurya umugati wa serise. Rero, nindamuka ngize icyo mvuga uyu mugoroba, njye…ni byiza ni kimwe mu byatumye nemera ubutumire, uyu mugoroba, bwo kuza nzanye hano Ubutumwa bwanjye bwo Gushima ku matsinda ari hafi ya hose mu gihugu, ni ukubera Mwene Data Jack yahoze ankingurira amarembo, ambwira ati: "Bwiriza icyo ufite ku umutima." Rero mu by'ukuri ndumva nisanga. Rero, birashoboka ko hano, mu iteraniro ry'aka gace, hamwe na Mwene Data Jack, birashoboka ko haba abakozi b'Imana n'abantu tutemeranya ku mahame, ubusanzwe, ngira ikinyabupfura cyo kutagaragaza amahame ku gicaniro cy'umuntu wantumiye kuza kubwiriza mu rusengero rwe, rero nyuma yuyu mugoroba, ntekereza ko nakagombye kunezezwa no gusengera abarwayi, ndetse nk'uko bisanzwe, nk'uko bisanzwe tubikora. Rero natekereje kubibamenyesha mbere, nindamuka mvuze ikintu ntitukemeranyeho, ubwo, ibyo mubishyire mu kutamenya kwanjye, no kuba ntafite ubumenyi kandi munsengere.

11 Rero nonaha dufate igice kimwe cy'aha, mu Byanditswe. Hariho ahantu henshi nshaka kwifashisha uyu mugoroba, kubera ko nanditse imirongo myinshi y'Ibyanditswe n'ubundi busobanuro buto bwinshi hano ku ikarine.

Ndibuka ku ncuro yanjye ya mbere ubwo nazamukaga ku gicaniro cya life Tabernacle, hashize imyaka makumyabiri, si- sinari nkeneye kwandika imirongo yanjye y'Ibyanditswe n'ibice ndetse n'ibyo nifashisha. Ubwo icyo gihe hari mu myaka makumyabiri ishize, ariko ubu, ndengejeho makumyabiri n'itanu, rero njye-ku nshuro ya kabiri, rero mfite… singifite ugufata mu mutwe nk'uko nari mfite, mpatiwe kwandika imirongo yanjye y'Ibyanditswe, ndetse rimwe na rimwe no kwandika ingingo zimwe na zimwe nshaka kwifashisha. Noneho, Umwami yongere imigisha ye, rero mu gihe dusoma, mu Ijambo ry'Imana, urwandiko rwandikiwe Abaroma, ku gice cya 7.

Ngiye kwigisha ibi gato nk'Isomo ry'Ishuri ry'Icyumweru.

12 Nziko hari abantu bahagaze. Nk'uko bisanzwe mu rusengero, i Jeffersonville; kandi dushaka kubasuhuza, namwe, uyu mugoroba, tuzi ko muhujwe natwe, hariya mu rusengero, ni nkaho twari mu rusengero, uyu mugoroba, iyo muza kuba hano, mwari kubona abantu babyigana, kandi bahagaze begamiye inkuta., rero, ntekereza ko ari bimwe namwe hariya, hamwe n'abantu bo mu turere duturanye, bateranirijwe hariya no kumva ubutumwa.

13 Noneho, tugiye gusesengura ibi nk'Isomo ry'Ishuri ry'Icyumweru kandi ibi ntibirebana n'icyo ari cyo cyose, nta muntu n'umwe w'ihariyemo, cyangwa icyo ari cyo cyose, Ahubwo, gusa ku itorero, ku mubiri wa Kristo, tugerageza kuyobora ku bitekerezo byimbitse kurushaho no ku ntego zo hejuru kurushaho, kuko twizera ko kugaruka kw'Umwami Yesu kwegereje. Turabyizeye, kandi birushijeho kutwegera cyane,

bitwegereye mu myaka makumyabiri kuruta inshuro ya mbere nazaga i Shreveport. Kuva kiriya gihe habaye ibintu byinshi, noneho, dutegereje kugaruka kw'Umwami muri iki gihe cyacu.

14 Noneho, mu Baroma 7, nizera ko mwese mwabumbuye Bibiliya zanyu, hariya, hose mu gihugu, noneho dushaka gusoma twitonze, U- Ubutumwa buri hano, turi bujye kwizera ko burebana n'Ishaka n'Itandukana, Ariko mu by'ukuri, si ibyo, uko mbibona, ni ubuhanuzi bureba Itorero ry'igihe cya nyuma, reka dusome.

*Mbese bene Data muzi amategeko, ntimuzi yuko amategeko atwara umuntu gusa akiriho?*

*Ni cyo gituma amategeko ahambira umugore ku mugabo we akiriho, ariko iyo umugabo amaze gupfa, umugore aba ahambuwe ku mategeko y'umugabo we.*

*Nuko rero, ni cyo gituma iyo umugabo we akiriho, niba abaye uw'undi mugabo yitwa umusambanyikazi, ariko iyo umugabo we apfuye, ntaba agitegekwa n'ayo mategeko, ni cyo gituma atāba umusambanyikazi naho yacyurwa n'undi mugabo.*

*Nuko rero bene Data, ni ko namwe mwapfuye ku mategeko ku bw'umubiri wa Kristo, kugira ngo mubone uko muba ab'undi ari we wa wundi wazutse, mubone no kwerera Imana imbuto.*

*Ubwo twari tukiri abantu ba kamere, irari ry'ibibi ryabyukijwe n'amategeko ryakoreraga mu ngingo zacu, kugira ngo ryere imbuto z'urupfu.*

*Ariko noneho ntitugitwarwa n'amategeko, kuko twapfuye ku mategeko yari atuboshye. Ni cyo gituma turi imbata mu bubata bushya bw'Umwuka, butari bwa bundi bwa kera bw'inyuguti.*

15 Dusenge.

Mana mukundwa, tumaze gusoma ibyo twizera ko ari Ijambo ryera ry'Imana, kandi ibyo twizera, ntihazavaho n'akadomo na kamwe ndetse n'akarongo k'inyuguti z'ibi, kugeza byose bisohoye, kandi twizera ko Umwami wacu yatubwiye ko, mu byahishuwe, ibice 22, ko "Uwari we wese uzakuraho Ijambo rimwe cyangwa uzongeraho ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo.

Kandi tubona ko kugoreka iri Jambo, - nk'uko Satani yarigoretse kugira ngo aryereke Eva, byatumye uyu ashidikanya Ijambo rimwe, - ni byo byaroshye ikiremwa muntu mu kugwa, mu gihirahiro, Ijambo rimwe.

Hanyuma tubona, hagati mu gitabo, ko Umwami n'Umukiza wacu yaje maze akadusigira uyu murongo urebana n'Ijambo: "Umuntu ntazabeshwaho n'umutsima gusa, ahubwo azabeshwaho n'Ijambo ryose risohoka mu kanwa k'Imana."

Hanyuma umuburo wo kumugaragaro, mu gitabo cyanyuma, Ibyahishuwe na Yesu Kristo: "Uwari we wese uzongeraho Ijambo rimwe cyangwa uzagabanyaho Ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo."

16 Yoo! Mana, tuzi, tubona ukuntu tworoshye, tuzi ko tugendera ku kadodo k'ubuzima, k'ubu buzima bupfa, tutazi isaha tuzahamagarirwaho tujye gusubiza hariya hejuru, Yoo Mwami, dushyire ku ruhande ibiri mu mitima yacu byose, ibiri mu bitekerezo byacu byose maze duhindukirire bwangu Ijambo ryawe, uyu mugoroba, dutegereje ko wowe, uza kurisobanurisha Ijambo rizima, bitwemerere.

Umwuka wawe ubashe kutumanukira maze usige Ijambo mu mitima yacu, kugira ngo mu gihe dutaha uyu mugoroba, tubashe kuba abantu beza kuruta uko turi ubu, tubashe kugira ubumenyi bwimbitse kurutaho bwa Yesu Kristo, bitwemerere, Mwami, kugira ngo dusobanukirwe iminsi turimo, kandi n'icyo Imana yateguriye ubwoko bwayo mbere muri iki gihe; iki gihe, kijimye kandi cy'ingamba turimo ubu, Yoo Mana habashe kubaho ugusigwa, Atari gusa ku uri buvuge, ahubwo no ku uri bwumve, hindisha imitima yacu twese umushyitsi ku Ijambo ryawe."Kuko ugutinya Imana ari itangiriro ry'ubwenge." bitwemerere, Data, kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amen.

17 Ndashaka kwita ibyitonderwa bike, nateguye gukoresha hano, hamwe n'imirongo y'Ibyanditswe, iyo nshaka kwifashisha kugira ngo nyibikurikize, Umwami nabishaka, ku bw- ku bw'ubu Butumwa bwo gushima, buraza kuba UBUMWE BUTAGARAGARA BW'UMUGENI WA KIRISITO, ntibyumvikana nk'Ubutumwa bwo gushima nubwo dushima imirongo yose y'Ibyanditswe iyo ariyo yose.

Ndashima Imana kubwo kuba muri iki gihe cy'ibibaho byanyuma mu mateka y'iy'Isi. Sinzi, ariko iyo nza kugira ijambo ryanjye ryo kuvuga mbere y'uko Isi ishyirwaho urufatiro, maze Imana ikangaragariza umugambi wayo wose imbwira iti, nda- ndashaka ko ubwiriza, Noneho, ni ikihe gihe ushaka kujya mu Isi, kubwirizamo?" nari guhitamo iki gihe, kuko ntekereza ko ari igihe cya zahabu.

Nari kwifuza nyakuri kuba hano, mu gihe cyayo cyo kugendererera iy'Isi, ariko ntekereza icyakora ko ubu, ari igihe gikomeye, kubera ko ari igihe azaziramo gushaka abo yacunguye, aho umuzuko wegereje, n'igihe aho abacunguwe bose, bazagaragarira, mbega amahirwe y'ubwiza twahawe, kubwira ubwoko bupfa, igihe gikomeye, ibyo bitwuzuza umunezero.

18 Noneho tuziko amateka, ageze ku iherezo rya yo, amateka y'Isi ararangira vuba, rero tuzinjira mu munsi mushya, ingoma ikomeye y'imyaka igihumbi, nk'umwizera, rero nizera mu… mu myaka igihumbi, mu ngoma y'imyaka igihumbi hamwe na Kristo, mu gihe cy'imyaka igihumbi ku Isi; kugaruka kwa Yesu gufatika, kugira ngo ajyane ubwoko bufatika, bahawe ubwiza, bakesha amaraso ye yeza.

19 Hano Pawulo, mu murongo wacu w'Ibyanditswe, atanze ishusho y'itegeko n'ubuntu, agaragarishije ibi kubigereranya no gushaka no gutandukana, uyu murongo ni gake cyane ufatwa nk'umutwe w'ikibwiriza, kubera ko, kugera ku ngingo imwe, ivuga ku gushaka no gutandukana, ariko inavuga kandi igice cyo gushaka no gutandukana cy'ingenzi na none, rero, hano Pawulo, yageragezaga kudushyira kuri gahunda, nka- nk'Itorero, ntidushobora na hato gushakana icyarimwe n'Isi hamwe na Kristo, tukaba turi mu mategeko no mu kuri, ko umugore igihe umugabo we akiriho adashobora kubana n'undi mugabo, mfite ibitekerezo byanjye kuri byo, kandi nizera ko ibyo Bibiliya ivuga ari ukuri.

Noneho, ariko ndizera, kandi mpamirijwe n'ibyo, ko bihishura bumwe mu bwiru bukomeye bw'ubuhanuzi, kandi niringiye ko Umwami ari budufashe uyu mugoroba, kugeza ibi ku bizerwa bacu bategerereje hose mu gihugu.

20 Byaravuzwe, rimwe narabisomaga, igihe nandikaga ubusobanuro kuri byo, sinabashaga kwibuka neza neza igitabo biherereyemo, Ariko mpamirijwe ko ari byo, n'ikimwe mu bitabo nasomye kuri Bwana. Moody, Dwight Moody, w'i Chicago. Dufite Itorero rikomeye i Chicago na ryo ridukurikiye, uyu mugoroba, Bwana. Moody amaze gusoma Abaroma 7, yarasohotse yirukanka mu muhanda, maze abwira umuntu wa mbere yahuye na we ati: "Waba uzi Ubuntu?"

Uwo muntu arasubiza ati: "Buntu wuhe?"

Bwana. Moody aramusubiza ati: "Ubuntu bw'Imana."

Rero, byaramushagurukije cyane kubona icyo byari cyo: Ubuntu, bwatuvanye mu mategeko… ndetse n'umumaro Ubuntu bufite… rero niba hari ikintu nshaka gukora buri mugoroba, ni ubwo….

Nakunze kubwira abantu ko ubwo nzambukiranya imipaka, ndi hakurya, ndifuza kuzahaguruka nkaririmba.

Ubuntu butangaje, mbega ukuntu biryoheye amatwi,

Bwakijije imbabare nkanjye Ubuntu bw'igiciro cyinshi!

Kurushaho kumenya Ubuntu!

Kuko, twakijijwe ku bw'Ubuntu, atari ku byo dushoboye gukora, ibyo dushobora gukora, ibyo dukora byose, ntibishingiye ku mahirwe yacu, ni ubuntu budukiza, "Ni ku bw'ubuntu mwakijijwe, binyuze mu buryo bwo kwizera."

21 Mwanyemerera nkongera ikintu kimwe kuri uyu mugore witwa Ubuntu. Mukanyemerera kandi, nkamushyira mu mwanya we muri Bibiliya, aho kandi yiswe umugore watoranijwe (Intore)… uwo mukobwa Ubuntu njyiye kuvuga. Muzi ko Bibiliya ivuga iti: "…ku mugore watoranijwe…" Nimwitegereza, "Intore", rituruka ku Ijambo "Umugore watoranijwe". Umugore, watoranijwe mu bandi bagore bose.

Nk'uko umwari yatoranijwe, kugira ngo abyare umubiri w'Imana hano ku Isi, yari umugore watoranijwe, Imana yari yahisemo Mariya.

Ni nako, Imana yahisemo umugore watowe, ari we Mugeni We. Yaratoranijwe. Uyu mugoroba, hose mu Isi, nako hose mu gihugu, niringiye ko turi mu bamugize.

22 Iyo shusho igaragaza isano ry'umugeni, na Kristo - Umugore watowe: uko azamusanga; aho azaturuka, ndetse n'uburyo yakamusanze, Itorero tubona hano, mu kigereranyo dufite imbere yacu, rigaragajwe nk'umugore, rero, umugore, igihe cyose, ashushanya Itorero, kubera ko Itorero rifatwa nk'umugeni: ni Umugeni w'Umwami Yesu, Umwana w'Imana.

23 Igihe cyose, nimwitegereza, mu kwitegereza imyitwarire y'abagore n'imiterere barimo, murabona aho Itorero riri. Noneho, ibi… bimwe muri byo bishobora kumvikana nk'ibidasanzwe kuri bamwe muri mwe, ariko ni icyuzuzo cy'Ubutumwa nahawe n'Umwami, ndiho ngerageza, guha abantu. Nimwitegereze ibibaho byose muri gahunda y'ibya kamere, ibyaremwe, mwitegereze ibyo bintu, nabyo bihinduka bisa neza neza n'ibiri muri gahunda y'iby'umwuka.

Rero, mwitegereze imyitwarire y'abagore muri iy'Isi y'ubu, mushobora kubona imyitwarire y'Itorero

ry'Isi y'ubu. Mwitegereze gusa. Rero, mubifatika, hariho kandi n'imyitarire y'Umugeni w'umunyamwuka, w'Itorero, kuko, mwitegereze. Murebe, mwitegereze, idini, ni ryo ryiyita umugeni.

24 Noneho, nyabuneka, mureke ngire icyo nongera kwibwirira iteraniro rya hano. Ntimubifate nabi. Ndikubwira, guhera mu ruhande rumwe kugeza mu rundi rw'igihugu, abo mfata nk'Umugore Watowe. Rero, niba hano hari abakozi b'Imana tutemeranywa, noneho, mugumane ituze akanya gato. Murabona?

Mwitegereze iyi mico, iyo mubona abagore bahagurukira icyarimwe, bakora ibyo bashatse, rero mwitegereze, Itorero na ryo rikora bimwe. Murabona?

Ariko mwitegereze, iyo umugeni w'umunyamwuka, igihe we, azatangirira kugira ububyutse, igihe azatangirira kugaruka, yiringaniza n'Ijambo ry'Imana, rero mwongere mwitegereze, murabona: Ibyanditswe, icyo gihe hazabaho ubutumwa buzakwirakwira, kugira ngo bushyitse uwo mugeni, kugira ngo bushyitse uwo mugore, Intore.

Rero, nk'Isi... Satani, umutekamutwe, uwashutse umugeni wa mbere, wamuteye gucumura ku Mana agashidikanya ku Ijambo rya yo.

25 Noneho, uyu munsi, nk'uko Itorero ry'irinyamubiri n'ubutumwa bwaryo bw'ubwenge, rirushaho kujya kure cyane y'Ijambo, rifata ubutumwa butagira uwo buheza (ubutumwa bw'imibereho myiza), nk'uko tubona mu mihanda, abagore b'Isi, ni nako abagore bagize iryo dini bitwara, baba mu kirere kimwe, ntushobora kubibabwira, batakaje ishusho y'icyubahiro. Murabona? Yego, kandi n'Itorero n'uko. Dushobora kuribona riboneje mu ihuzamadini, neza nk'uko kabiri ukubye kabiri bitanga kane, kandi riboneje i Roma, n'umuvuduko wose, kubera ko ari byo byahanuwe, none ngiri… Ni imyitwarire yaryo.

26 Ariko, rero, mwongere mwitegereze Itorero ry'irinyamwuka: icyabayemo muri ririya tsinda ryahamagariwe gusohoka, Intore, muri buri bubyutse. Kubwa Maritini Luteri, mu bugorozi, ibyo byabaye mu buryo bumwe. Ni na byo byabaye mu gihe cya John Wesley. Ni byo byabaye, ku ntangiriro, igihe Pantekoti yatangiraga, bagaruye abo bagore mu kwiringaniza vuba n'Ijambo, nyuma yaho, ritangira gutandukira. None dore ngiryo ryongeye kugwa mu gihirahiro. Ariko rero, mu gihe abantu biteguye kwiringaniza, Ubutumwa buraza, hanyuma bakiringaniza nabwo.

27 Luteri yabaye intumwa y'igihe kimwe, cyo gutsindishirizwa, noneho Itorero ryiringanije bwangu na byo, bamwe barabikoze, abandi bakomeje mu nzira zabo. Wisileyi araza, hamwe no kwezwa, noneho Itorero ryiringanije bwangu na byo. Pantekote iraza, hamwe no kugarurwa kw'impano, noneho Itorero ryiringaniza bwangu na zo, Intore z'icyo gihe, nyuma yaho ryatangiye guhakana, ryongera kugwa mu mikorere y'amadini, maze riza kwisanga mu miterere imwe n'abandi. Bombi ku murongo umwe.

28 Ariko, rero, nimwitegereza, iyo abantu batangiye kugerageza kwiringaniza n'Ijambo, niho ubutumwa bufutse buvuye mu Ijambo ry'Imana, riza ku bantu, kandi ibyo byarinze ubu Butumwa. Dufite imiryango, buri muryango umenyereye ibi, kenshi, mu myaka myinshi, byose bigenda neza, noneho, nyuma, mu kanya gato, mu gaca mu bihe bikomeye, nk'uko dukunze kubivuga hano, mu majyepfo: "Ngo igihe imvura igwa, igwa yisuka", byose biba bimeze nabi. Mugaca mu gihe cy'umwijima. Hanyuma umuseke ugatambika. Noneho ijoro rikagaruka. Byose biyoborwa mu gukomeza.

29 Hano, umuhanuzi Pawulo, avuga ko umugore adashobora gushaka, mbere yuko umugabo we wa mbere apfa. Ntashobora kongera gushaka, mu gihe umugabo we wa mbere akiriho. Ntashobora, nta na rimwe… agomba kuguma wenyine igihe cyose umugabo we wa mbere akiriho. Kandi igihe akoze icyaha nk'icyo, "Azitwa umusambanyikanyikazi…" Aha ndavuga iby'umubiri, kugira ngo bigereranye ni iby'umwuka. Iyo uyu mugore akoze icyaha nk'icyo, amenyekana nk'umusambanyikazi, niba afite abagabo babiri bakiriho mu gihe kimwe. Iyo akoze ibyo, atakaza uburenganzira bwe ku by'Imana n'iby'ijuru, mu gukora ikintu nk'icyo. Nk'uko Ijambo ry'Imana maze kubasomera ribivuga, akurwa mu mutungo w'Imana.

30 Ni nako bimeze ku Itorero, igihe rigerageza kuvanga Ijambo ry'Imana n'amahame, n'amabwiriza y'Isi. Ntirishobora gushakana n'idini ngo ribe n'Umugeni wa Kristo icyarimwe. Rigomba gupfa kuri kimwe cyangwa ku kindi; itegeko niko rivuga hano. Hari amabwiriza menshi mu Ijambo ry'Imana, kandi ni itegeko Ryayo. Ni byo Pawulo avuga hano: Ntirishobora gushakana n'itorero ry'amahame y'Isi, kandi ngo ribe n'umugeni wa Kristo, kuko ibyo bintu bihabanye.

Noneho mwibuke, muravuga muti: "Rero, twizera ibi, ariko ntitwizera biriya.

31 Niba mwarashakanye na Kristo: Kristo, ni Ijambo ry'Imana. Muri Yohana, igice cya mbere, haravuga hati: "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana, noneho yigize umuntu, maze abana natwe. "Kristo yari Ijambo rizima. Yahoze ari Ijambo. Aracyari Ijambo, azahora ari Ijambo.

Byonyine yari ukugaragazwa kw'ibyari bigize Imana, kuko yari Umwana w'Imana. Kandi buri mwana wese aba ari ukugaragazwa kw'ibigize se: nk'uko na we, wari mu rukiryi rwa so, mu mubiri wa so, igihe yari akiri umusore, wari muri we. Nyamara ntiyashoboraga gusabana nawe, kuko atari abazi, ariko

hanyuma, kubw'ubutaka bwo kubibwamo bwa nyoko, wabyawe kuri iy'Isi, kandi waremwe mu ishusho ya so, maze rero, yashoboye gusabana nawe.

Niko na mwe mwari abahungu n'abakobwa b'Imana, mbere ndetse yuko n'ukwezi kubaho, inyenyeri cyangwa uturema ngingo, wari umuhungu n'umukobwa w'Imana, byonyine kuko uri ukugaragazwa gufatika kw'ibyari mu Mana mu ntangiriro, biyigize. Noneho, hari ishusho imwe y'ubuzima bw'iteka, rero bwari mwebwe, mbere nta byo mwari muzi, ni nako nta cyo mwari muzi igihe mwari muri so wo mu Isi, ariko , noneho, mwagaragajwe mu ishusho ye, mwaremwe mu ishusho y'Imana, kandi mwagaragarijwe ubwiza bw'Imana ndetse no gusabana na Yo.

Bityo, nk'uko mbere yuko muvuka mu buryo bw'umubiri, imbuto yanyu yagombaga kuba iri muri so, ni nako imbuto yanyu y'umwuka yagombaga kuba yari iri mu Mana, kuberako muri ukugaragazwa kw'ibyari bigize ibitekerezo Byayo, mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro, nyakuri, nta buryo bwabaho bwo kubica iruhande. Ni ukuri.

32 Ni byiza, rero, mwitegereze, ubwo buzima bwari muri mwe, ubuzima bw'Imana bwari muri mwe, kuva Isi ishyirwaho urufatiro. Rero aho, ntimushobora kuvanga Ijambo n'amahame y'idini, kuko ibyo byombi bihabanye cyane. Neza neza, ni byo Satani yagerageje gukora, yifashishije imyumvire y'ubwenge abwira Eva. Yaravuze ati, yemeraga ko Imana yabivuze, ariko aravuga iti: “Nyakuri ntimuzapfa.” Murabona? Hanyuma bizera ibyo. Dore ibyo amahame yakoze, uyu mugoroba, amadini yatandukanije abantu n'Ijambo ry'Imana. Yesu ubwo yazaga ntiyavuze ati: “Mwebwe, binyuze mu mahame yanyu, mwakuye uburemere bw'amategeko y'Imana mu bantu.” Kandi binyuze mu mahame yacu, twacitse ku busabane n'Umwuka Wera, usiga Ijambo ry'Imana rigenewe guhabwa iki gisekuru. Amadini yatandukanije abantu, ku buryo badashobora no kubibona. Noneho Imana, Yo, kuri buri gisekuru, yongeraho igice gishya cy'igitabo cyayo, ibice byose bikajyana. Uko ni ko umubiri wanjye wubatswe. Ngendeye ku byo nabwiwe, habanje urutirigongo, ariko urutirigongo ntirwari byose, kuri rwo, hiyongeraho imbavu, n'ibihaha, ndetse n'ibiganza, amaboko, ibirenge n'ibindi, n'ibindi, hanyuma umusaruro byatanze, ni umuntu ndi we.

33 Kandi ni nako Imana yagaragajwe, mu itangiriro, hanyuma iza kugaragara nka Yehovah, Imana Data. Maze iza kugaragara nk'Imana Mwana, muri Yesu Kristo, ubungubu yagaragaye nk'Imana Mwuka Wera. Ya Mana imwe kuva mu ntangiriro, kugaragazwa gutatu kw'Imana Imwe.

Noneho, tubona dutya kuva mu itangiriro, Imana, muri buri gisekuru, yagihaye igice cy'Ijambo ryayo. Neza neza ni uko gukura kwagenze, Imana, icyo yabanje kurema, tuvuge ko yabanje kurema ubuzima bw'ibimera, nyuma yaho, yaremye ubuzima bw'inyamanswa, nyuma yaho yaremye ubuzima bw'umuntu, uburyo bw'iterambere, bukomeza kwerekeza ku buzima buruseho.

Byabaye kimwe ku by'Imana n'Itorero, gutsindishirizwa, hamwe na Luteri, (noneho iri gusohora

Umugeni wayo; irimo kurema Umugeni wayo)… gutsindishirizwa hamwe na Luteri; kwezwa hamwe Wesileyi; n'ibindi n'ibindi, murabona. We, Iterambere ry'Umwuka, utanzwe nu rugero ruruseho kuba runini, kubera ko umubiri uri gukura, ukomeza werekeza ku mutwe, ari wo Kristo- umubiri wa Kristo.

34 Noneho, We, kuko ari umugore, niba yarashakanye na Kristo, Ijambo, ntashobora gushakana n'idini icyarimwe, kubera ko ahambiriwe kuri uyu. Ntashobora kubana n'abagabo babiri icyarimwe, byombi birahabanye. Rimwe ryoherejwe n'Imana, irindi ryakozwe n'abantu yaravuze iti: “Amagambo yose y'umuntu amenywe nk'ikinyoma; ariko iryanjye rimenywe nk'ukuri,” Imana yavuze ibyo.

Byombi birahabanye nk'uko itegeko ryari rihabanye n'ubuntu, nk'uko Pawulo yabivuze hano.

Kimwe muri byo kigomba gupfa, kugira ngo tubashe kugira ikindi. “Kandi iyo agerageje kubivanga, azitwa umusambanyikazi.” Yoo, mubitekerezeho, i New York, i Arizona, kuva mu ruhande rumwe ukagera mu rundi rw'igihugu, mubitekerezeho. Imana yaravuze iti: “Nagerageza kubangikanya abagabo babiri icyarimwe, azitwa umusambanyikazi.” Ni uwuhe musambanyikazi wakwinjira mu ijuru? Ese Imana yashaka umusambanyikazi? Nyakuri Oya, yadusabye, ubwacu kutabikora. Azitwa umusambanyikazi.

35 Rero, abana be, niba ari umusambanyikazi, abana be baba ari ibibyarwa, ibibyarwa! Ibibyarwa mubirebana n'iki? Oya si ibirebana n'itorero, ahubwo ni ibirebana n'Ijambo. Aba ari ikibyarwa. Mbega ikigereranyo tubona hano cy'Ibyahishuwe 3, igihe cy'Itorero rya Lawodokiya, ry'igihe cya nyuma! Mbega itsinda ry'ibibyarwa! Mbega imvange ya kidini! Ry'akazuyazi, ryitwara uko ari ko kose kandi rikiyita irya Kristo, mu gihe rihakana Ijambo ry'Imana: “Bafite ishusho yo kwera , ariko bahakana imbaraga zako”. Nk'uko umuhanuzi yabivuze.

36 Ubukwe ni igikorwa gishaje muri iyi si. Ubukwe bwizihirijwe ku ncuro yambere mu busitani bwa Edeni.

Umugore yahawe imico imwe, imuranga, atagomba kwanduza. Ni yo umugore yahawe. Nta kiremwa na kimwe ku Isi kimeze nk'umugore. Nta mbwa, nta kigore na kimwe cy'inyamanswa iyo ari yo yose, cyahawe iyi mico yihariye, yahawe umugore. Umugore ndetse ntiyari mu itangiriro ry'iremwa, kubera ko Imana yari izi ko yarikuzagwa. Ibindi bigore byose ntibishobora gusambana. Ni cyo cyonyine gishobora

gusambana, iyo aza kuremwa nk'ikiremwa cy'umwimerere, ibyo byari kuba bihabanye n'ubwenge bukomeye bw'Imana. Murabona? Yaremwe nk'igice cyakuwe mu mugabo. Ariko, kuko yashyizwe kuri ruriya ruhande, yahawe kandi inshingano yera yahawe n'Imana, kubirebana n'ubucunguzi. Hari imico imuranga atagomba kwanduza. Niba ayanduje, rero aba yanduye ubuzima bwe bwose, uko ashobora kubabarirwa kose, ntashobora gutsindishirizwa, ngiye gukora kuri iriya ngingo nonaha, ngiye gufata umurongo w'icyanditswe kuri byo, mu minota mike. Ashobora kubabarirwa kubwo kwiyanduza, ariko ntashobora gutsindishirizwa muri ubu buzima. Agendana na byo igihe cyose. Mwitegereze, noneho, ni cyo yahawe. Ashobora kubabarirwa, ariko atari ugutsindishirizwa.

37 Yahawe umubiri we, ni ububiko bwera yahawe n'Imana. Nta mbwa n'imwe, nta nyoni n'imwe, nta yindi nyamanswa n'imwe, nta kindi kiremwa kimeze gutyo, Oya, ni cyo cyonyine, kubw'ibi… Impamvu ubu bubiko bwera cyane, ni ukubera ko, ari we, ugomba kuzana ubuzima ku Isi. Umubiri we ni ubutaka bwo kubibwamo ubuzima, niyo mpamvu, yahawe ububiko bwera.

Noneho, dore ingingo ahari benshi muri mwe abanyatewolojiya, mutari buze kwemeranya na njye. Ni buriya busambanyi bwakozwe ku ntangiriro, bwanduje ikiremwa muntu cyose. Nyababyeyi ye yarandujwe. Yabyaye impanga: Gahini na Abeli. Igikorwa kimwe, abana babiri, Yego, mugenzure ibyanditswe.

38 Mwitegereze: rero, tubonye ko umubiri we ari nyababyeyi, bityo, ni ububiko bwera , butagomba kubwanduzwa.

Rero, ibi mvuga, ndabizana nk'ishusho, kugira ngo mbereke aho Itorero riri, simvuga mwebwe, abagore, uko muri, ibyo, ni hagati yanyu n'Imana. Cyangwa mwebwe, abagabo, ahubwo ndavuga iby'Itorero na Kristo.

Rero, yahawe ibi, kugira ngo atange ubuzima, ubuzima Imana yonyine ishobora gutanga. Umugabo we ashobora kugira imbuto muri we, ariko ni Imana igomba gutanga ubuzima, ni byo, ibyo bigomba kuza, ubuzima bwose bugomba guturuka ku Mana, ubwoko bw'ubuzima bwose bugomba guturuka ku Mana, bwarononekaye, kandi icyo ni cyo kibugira ubuzima bw'icyaha, ariko ubuzima bugomba guturuka ku Mana. Ni yo muhanzi w'ubuzima.

39 Mbere na mbere, ngiye kuvuga hano ibintu bitatu agomba kuzirikana. Noneho ibyo mvuga, muzirikane

Itorero mu bitekerezo, mu gihe mvuga ibi ku umugore wa kamere, nk'uko Pawulo abikoze hano, mu Baroma igice cya 7. Afite ububiko bwera , imbaraga yahawe n'Umwami we, imbaraga zimwe. Nta muntu ufite izo nshingano, keretse umugore. Ni byo. Ibyo yabihawe n'Imana. Nta gomba kwanduza izo mbaraga.

Ndetse, nakora ikintu kibi, agomba kucyaturira umugabo we mbere yuko amutwara, agomba gusubiza ibintu mu buryo, kandi ni nako bimeze ku Itorero ryashakanye n'amategeko, rigomba kwiyerekana imbere ya Kristo mbere y'ubukwe bwa kabiri. Agomba kwatura ibyo; niba atabikoze, maze akabana n'umugabo we mu gihe cy'imyaka icumi mbere yo kubimwaturira, afite uburenganzira bwo kumusenda maze agashaka undi mugore. Ibyo, ni Ibyanditswe, ubusambanyi, ni ukubaho ubuzima bwanduye.

"Yozefu, witinya gutwara umugore wawe Mariya, kuko umwana atwite yavuye ku Mwuka Wera." Yibwiraga gutandukana na we mu ibanga, iyo murambagizanya, ku Mana muba mwarashakanye.

40 Mwitegereze, noneho, afite ububiko bwera, imbaraga yahawe, yahawe n'Umwami. Ni Imana yamuhaye izo mbaraga. Neza neza nko mu busitani bwa Edeni, ashobora kuvuga ati: "Yego" cyangwa "Oya." Afite ububiko bwera, ubugore muri we yahawe, atagomba guhumanya. Ubugore mvuga hano, ni imyitwarire ye, imyifatire ye mu ruhame rw'abagabo, atari ukwemerera buri mugabo.

41 Mwitegereze televiziyo, biriya birangirire bya sinema basoma, maze bahoberana, ndetse bakigaragurana. Umugore ukora ibyo ni uw'imico mibi, yagombye kuba umunyangeso nziza, bitabaye ibyo… kandi imisemburo y'ibitsina, iba mu minwa. Umugabo usoma umugore, mu by'ukuri, mu bifatika, aba yasambanye na we, ni umusambanyikazi. Imisemburo y'ibitsina iba mu minwa y'umugore ndetse no mu minwa y'umugabo. Ashobora ku musoma ikiganza, ibyo ntakibazo, aho ntihazabaho guhuza imisemburo y'ubusambanyi, kuko imisemburo y'ibitsina iba mu minwa. Noneho kubona ubu bupfu bwa Hollywood uyu munsi, n'iriya myitwarire mibi, n'ubusambanyi butihishira. Kandi abana b'abakobwa bareba ibyo byose. Ntibitangaje ko imyitwarire yacu yononekaye, iri hasi cyane ndetse yangiritse, kuko byerekanirwa imbere y'abana! Ni ukuri. Ni uko bigomba kugenda mu minsi ya nyuma.

42 Noneho, ntimwibagirwe ko ari Itorero. Rirasomana… kandi rikigaragura, maze rikivanga n'ibindi byose keretse Ijambo. Ryiyegurira Satani, n'inyigisho ze ndetse n'ubushakashatsi bwa siyansi, n'ibindi n'ibindi bihabanye n'Imana!

Imikorere y'ubushakashatsi, inyigisho n'ibyo bintu byose, mu by'ukuri ni antikirisito: imikorere y'uburezi ni anti-kirisito, iterambere ni antikristo. Birwanya Imana. Muravuga ngo kurwanya iterambere? Umnsi umwe, Imana izagira iterambere, aho urupfu rutazagira umwanya. Iri terambere rigezweho rituruka

kuri Satani. Ngiye kubibahamiriza, uyu mugoroba, nkoresheje Bibiliya. Niba Umwami abishaka. Ibi bintu byose ni ibya Satani. Iterambere rishya ntirizarangwamo ibi byose.

Afite ububyeyi bwera.

43 Ntibitangaje kuba abagabo bitwara nabi ku bagore, ni ukubera ko abagore bitwara nabi ku bagabo. Arangwa n' ibi bintu, agenda yambaye ikabutura, mu myambaro imufashe, mu myambaro y'abagabo, n'ibindi, mu muhanda akigoreka. Icyo yavuga cyose… uko yaba yarashoboye kuba umunyamico myiza ku mugabo we kose, ariko mu maso y'Imana: "Ni umusambanyikazi." Umuntu wese witegereza umugore kubwo kumurarikira, aba yamaze gusambana na we mu mutima we." Kandi we, yitwa atyo, kubera izo mpamvu. Kandi neza neza, ni uko Itorero ryakoranye n'Isi. Mwitegereze, ni byo yahawe: ingeso zera, ubugore bwera , ndetse n'inda ibyara yera, guhesha agaciro umugabo we.

44 Murebe rero uyu munsi, mu migi imwe n'imwe, mu migi myinshi, bafite ndetse n'ibirori bikomeye, mu muryango, nk'uko bavuga abagize Itorero, bakabigenderamo, bagatereka ingofero zabo hasi, maze bose bagasinda, hanyuma buri wese, agata urufunguzo rwe muri iyo ngofero, buri mugore wese akajya gutora urufunguzo mu ngofero, kugira ngo amenye umugabo azamarana na we impera z'icyumweru, ibirori byose nk'ibyo! Mfite byinshi byo kuvugaho hano, Umwami nabishaka, simfite umwanya wo kubyinjiramo byimbitse. Umwanda nk'uwo…

Itorero na ryo ryarononekaye, ni byo, risambana n'ibintu byose, mu gihe ritakagombye kwivanga n'ibyo bintu, ryakagombye kuguma ku Ijambo.

45 Inyubako, ni nziza, Amavuriro, ni meza, n'ibyo bintu byose, ni byiza, gahunda zo kwigisha, ni nziza, tugomba kuba hano, ningombwa gusoma, kwandika. Biri mu bigize ubukungu.

Urugero, ku ntangiriro ntitwagombaga kwambara, nzabibwirizaho hanyuma muri iki cyumweru, Umwami nabishaka. Ariko ni ngombwa kwambara imyambaro, kuko Imana yaduhaye imyambaro. Ariko ku intangiriro, nta byo twari dukeneye, twari dutwikiriwe.

Ubu atwikiriwe n'igitwikirizo kimubuza kubona icyaha cye, ndetse nta nazi ko akora icyaha, murabona; nk'uko yari kiriya gihe… noneho atwikiriwe na Satani; muri kiriya gihe yaratwikiriwe n'Imana, ni ryo tandukaniro.

46 Rero tubona ko yahawe ubwo bubiko bwera atagomba kwica, ububyeyi bwe, kugira imyitwarire myiza, kurera abana, guhesha icyubahiro umugabo we. Muri iyi minsi, baha agaciro cyane igitsina kurusha ibindi byose ku Isi.

Mwakagombye guca mu biro byanjye umunsi umwe, maze mukareba abagabo bazana n'abagore babo, mu gihe bagerageza kwitunganya n'Imana ndetse no kwatura imibano bagiranye n'abandi bagabo, n'ibindi, kuva bashakanye.

Mbega ukuntu yashobora guhaba! Igihe uri kwifatanya n'Isi, hamwe n'ibigezweho byose ndetse n'ibi bintu byose dufite. Ntitugisa na busa na Pantekote y'umwimerere, ni nk'uko amanywa atasa ku ijoro. Twatandukiririye ahantu runaka. Twijimiriye ahantu runaka. Mu rujijo rwijimye. None twarazimiye!

47 Mbega ububiko bwera ! Mbega inshingano umugore yahawe! Noneho murabona impamvu ari ishusho y'Itorero, rifite inshingano zimwe, nk'uko umugore afite inshingano zera ku nda ibyara ye, ku ngeso ze, ku mugabo we, ni nako Itorero rifite inshingano yera ku isengesho, ku Ijambo, no kuri Kristo, neza neza nk'umugore.

Rero, nk'uko umugore atafatana n'undi mugabo, itorero ryaguye muri gahunda y'amashuri, gahunda yo kubaka, amavuriro n'ibindi. Nta bwo ndwanya ibyo. Ni byiza. Bifite akamaro kabyo, ariko nta bwo ari… Yesu ntiyigeze avuga ati: "Mujye kubaka amashuri." Yaravuze ati: "Mubwirize Ijambo."

48 Ibyo ni byo birengagiza.

Nta bwo ari ukubaka amashuri, amavuriro, ndetse n'ibindi. Ibyo bintu, ni byiza, ariko inshingano y'Itorero, nta bwo ari ibyo, inshingano ya ryo, ni ukubwiriza Ubutumwa. Ariko twakoze byose keretse ibyo, maze dutandukira muri ibyo bintu, neza nk'uko Satani yakoze, mu kuvanga ibi n'Ubutumwa n'ikindi kintu, hanyuma ikindi kintu na none, kugeza ubwo ryahindutse imvange ya byose. Abantu bose bashaka gukurikira Isi.

49 Nta gihe kinini gishize, nasomaga Reader's Digest ko abakobwa b'abangavu bazajya barekera kubyara ndetse n'abagabo bakajya mu myaka y'ubukwerere, hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu, bazaba bageze ku rugero rw'ubukure, bw'icyaha (kubera iki?), bivuye mu bushakashatsi bwa siyansi ku biribwa n'ibindi, ibyangije ibintu by'umwimerere imibiri yacu yakagombye kurya. Nta kindi turi cyo uretse umuba w'ibyaha werekeje ku rupfu.

Noneho, dore kandi icyo itorero ari cyo, riri mu miterere imwe.

We ni ikigereranyo, afite imbaraga zimwe z'igiciro kubw'Umwuka, yahawe kubwo kwirinda, Umwuka n'Ijambo, kandi ntukijyere usambana n'icyo ari cyo cyose cy'Isi, na kimwe, guma kuba isugi ku Ijambo, nk'uko umugore agomba kuguma kuba umunyangeso nziza ku mugabo we. Ni ububiko bwera, kubaha Ijambo ry'Umwami we kurirutisha ibiriho nk'amahame, nk'ubwenge, nk'idini ryakozwe n'umuntu. Itorero ryakiriye ubwo bubiko. Nibavuga bati: "Rero, Itorero ryanjye…" icyo ari cyo cyose, itorero ryanyu ryizera, niba bihabanye n'Ijambo ry'Imana, jya kure ya ryo. Bibiliya iravuga iti: " Yesu Kirisito uko yari ari ejo niko ari uyu munsi kandi niko azahora iteka ryose." Mariko 16 iravuga iti: "Ibimenyetso bizagumana n'abazizera ngibi." Niba itorero ribwiriza ibindi bitari ibyo, ntirigomba na busa, mugomba gupfa kuri ibyo bintu, mukavuka ubwa kabiri mu Ijambo ry'Imana. "Mujye mu Isi hose maze mubwirize ubutumwa ibyaremwe byose." Dore aho ryagombaga kugenda rikagera. "Ibimenyetso bizagendana n'abazizera ngibi, ku Isi hose, ndetse n'ibyaremwe byose bizizera." Murabona uburyo twabigiye kure? Nyakuri. Ariko arabishinzwe.

50 Ariko, ubu, reba ibyo ari byo, Hollywood yambuye abagore bacu ingeso nziza bari bafite muri bo. Ndikureba umukecuru ukundwa, mushiki wacu Schrader, abagore benshi bari hano, na hariya inyuma, na mushiki wacu Moore uri hano, abagore bakuze, baribuka imyaka mike ishize, niba ba nyina cyangwa bo ubwabo barasohotse mu mihanda nk'abamwe muri aba bagore batembera mu mihanda uyu munsi, abagize itorero, bari gufunga uriya mugore kubera uburwayi bwo mu mutwe. "Yibagiwe kwambara ijipo ye." Rero, niba cyari ikibazo cyo mu mutwe icyo gihe, ni cyo ari cyo uyu munsi. Rero, murebe, Isi yose irabihamya neza, ko yasajijwe, murebe ubwicanyi n'ibintu bibera ubu mu Isi. Ibibaho byose biza gusohoza ibyahishuwe, wenda iki cyumweru tuzabibona. Mu gihe ibyo bintu by'akumiro, bitari iby'umwimerere, n'ibintu by'umwuka, bitera abantu gutakira ibitare n'imisozi n'ibindi, ngo bibagwire.

51 Ni mu busazi bwuzuye, bwuzuye, iy'Isi igiye kwijimiramo vuba, kandi ubu iri hafi ya byo, noneho, mushobora kubona ibimenyetso bya byo, ngibiriya, biri mu nzira, ndetse biri hano, mu muhanda, kandi kugeza ku ntebe z'itorero, ubusazi bwuzuye, bakora ibintu ikiremwa muntu kijijutse kitarota gukora.

Murebe, icyo Hollywood yagize umugore. Murebe icyo ari cyo. Hollywood yambuye umugore imico ye yera. Dushobora gukomeza umwanya munini murabona? Yatakaje ibyo bintu byose. Ni gute Yageze aho? Bitewe n'igikoresho cy'ikinyamayeri, kitwa itorero, nk'uko hari icyari mu busitani bwa Edeni. Umunyamayeri, Satani yinjiye mu itorero, nk'uko yagenje mu busitani bwa Edeni. Hanyuma yakoresheje uburyo bwo gushukashuka ngo abimwoshyemo. Yarashutswe, umugore aratekereza… ntabwo kuba ari mu ikosa ari kubushake bwe.

Eva ntiyakoze nabi, kubushake, ntiyabikoze abigambiriye. Ariko we… Bibiliya iravuga iti, muri 2 Timoteyo, 1 Timoteyo 3: "Yarashutswe". Kandi gushukwa, si igihe mubikoze mubigambiriye. Ni igihe hakoreshejwe uburyo bwo gushukashuka kugira ngo mubikore.

52 Kandi, ni byo neza neza byabaye uyu munsi, yarashutswe, na televiziyo, n'ibinyamakuru, n'aba bantu, ibyo bintu byose bishukana tubona mu mihanda. Ibinyamakuru bikurura abangavu bagezweho: amafoto, bareba mu mihanda. Bakabona imyambaro mu maguriro. Yoo, nka satani, icyo gikoresho gikomeye cy'ikuzimu, yamanutse mu bantu, maze akoresha uburyo bwo gushukana kugira ngo aboshye muri ibyo bintu! Kandi umugore atekereza ko nta cyo afite cyo kwigaya. Yarapfuye, kandi nta byo azi, ari kure y'Imana. Murabona ukuntu yatakaje ibyo bintu byose, ndetse n'uko byakoreshejwe amayeri?

53 Uyu munsi, ndashaka ko mwitegereza. Yesu na we yabivuzeho. Kandi niba mwifuza kubisoma, Yesu yarabivuze, ko ibi byajyaga kuba. Mwari mubizi? Mu masaha ya nyuma, yabanjirije kubambwa kwe. Tubisome noneho, muri Luka, igice cya 23, akanya gato, nk'isomo ry'ishuri ry'icyumweru. Guhera ku murongo wa 27, ndizera ko ari byo nanditse hano. Yesu ajya I Kaluvari. Mwumve mu gihe mbisoma. Ni byiza. Luka 23:27, nizera ko ari aho biri. Ni byo inyandiko zanjye zigaragaza. Yego. Dore, ni byo.

Abantu benshi baramukurikira, barimo n'abagore bikubita mu bituza bamuborogera. Yesu arabakebuka arababwira ati "Bakobwa b'i Yerusalemu, ntimundirire, ahubwo mwiririre n'abana banyu, kuko iminsi izaza bazavuga bati 'Hahirwa ingumba n'inda zitabyaye, n'amabere atonkeje.

Mutekereze uyu munsi, kuri bo biteye isoni kubyara umwana murabona?

Ni bwo bazatangira kubwira imisozi bati 'Nimutugwire', babwire n'udusozi bati 'Nimudutwikire.'Mbese ubwo bagenje batya igiti kikiri kibisi, nikimara kuma bizacura iki?

54 Aravuga igihe abagore batagishaka na gato kubyara abana, bashaka imbwa, cyangwa injangwe, cyangwa ikintu nk'icyo. Ntibagishaka abana, na gato. Bazahava bamwitiranya na mukecuru Mishelina, aramutse abyaye umwana." Kuki? Ni byo Hollywood ishaka. Ntashaka ko umugore we aba mukecuru Mishelina. Rero, ahitamo ko umugore we abagwa kugira ngo atabyara. Ntibashaka abana.

Yesu yarabivuze, kandi se, ni iki yavuze ? "Muri kiriya gihe, bazatakira ibitare ndetse n'imisozi ngo bibagwire."

Bazaringaniza imbyaro, kugira ngo babashe kujya mu birori. Ntashaka kubangamirwa n'uruhinja rwo konsa. "Bizangiza ishusho y' umubiri we, atwite. Ni byo bizababaho, bizangiza ishusho y'umubiri we. Ntazasa

nk'uko yasaga." Kandi umugabo we ni injiji bihagije, kubwo kumureka akabikora. Ntashaka kumubyarira umwana.

Yesu yarabivuze. Kandi yavuze ko "Ubwo bazakora ibyo, ko ari muri icyo gihe abantu bazatakira ibitare ngo bibagwire." Ibyo bivuye ku Mwami.

Bishyura igiteranyo kinshi cy'amafaranga kugira ngo bagire injangwe, imbwa, yo gutetesha. Ni byo, ni ngombwa ko agira ikintu cyo gutetesha, kuko ariyo kamere ye, Imana yamuhaye.

55 Dore ibyo nitegereje, ubwo nahigaga umuhigo munini. Ni mu gihe cy'umuhindo, idubu yimanya n'imfizi. Ibyana yabyaye umwaka washize, biba bigeze mu kigero gishimishije. Biba bishobora gupima ibiro mirongo ine na bitanu (45kg) cyangwa birenga. Irabyirukana, kugira ngo bijye kwirwanaho byonyine, kubera ko igiye kubyara ibindi byana. Bivuka muri Gashyantare. Idubu nta cyo iba izi kuri byo. Bivukira mu dufuka duto. Imana ibishoboza kwifungurira utwo dufuka duto. Dusa n'udufuka duto tw'udusashi. Twimenyera inzira ubwatwo. Nyina itubyara iba isinziriye cyane. Nta cyo yariye guhera mu Ukwakira, none turi muri Gashyantare. Biraza bikajya iruhande rwayo hanyuma bigatungwa n'amata yayo kugeza muri Gicurasi hagati. Rero, iyo ibona ibyana byayo, biri ku rugero rushimishije, biba bishobora gupima ibiro birindwi, kuva ku biro bitanu kugera kuri birindwi (7kg, kuva ku 5 kugeza 7 kg) buri kimwe. Bitungwa n'amashereka yayo. Ikura amashereka hehe? Ibyo, ni akazi k'Imana. Ibeshwaho n'ibiyirimo, kugira ngo ibashe konsa abana bayo. Ariko niba ukwimanya nta cyo bitanze, ikaba idafite ibyana, rero izajya gushaka ibyana by'umwaka ushize, hanyuma ikabyitaho mu Iki ryose, kubera ko ari ubwenge Imana yayihaye. Igomba kugira ikintu cyo gutetesha.

56 Ni nako, niba umugore atabyariye umugabo we umwana, azafata imbwa, cyangwa injangwe, cyangwa ikintu runaka nk'icyo. Ni ngombwa ko agira icyo atetesha. Ni kamere ye. Ariko kubyo kubyarira umugabo we umwana, no kumurerera ngo azakorere Imana, ibyo, mu by'ukuri bihabanye n'imyumvire ye. Yoo, aramutse abikoze, yakozwa isoni n'itsinda ry'abagore bakunda ibyaha, bo muri 1965.

Ngiyi, ishusho y'ukuri y'itorero rigezweho ubu! Itorero rigezweho, nta bwo rishaka iruhande rwaryo, abo bana bo mu Byakozwe n'Intumwa 2.38; bitanga, basakuza, bakavuza induru, bavuga mu ndimi. Yego, yego. Murabona? Yego. Nta bo rishaka. Ntirishaka izo za: "Amen! Haleluya!" Turebe, umwana nk'uwo, rizahita rimukura mu idini rye. Niba hari uhari nk'uwo muri rimwe mu matorero, bagahise, akokanya, bamusohora hanze. "Kubera iki mwemerera ibintu nk'ibyo"

57 Rero, murabona, yatewe inda n'ikinturunaka, kubera ko akomeza kubyara abayoboke. Ariko ntashaka abo basakuza, barira, bavuga busazi ibintu byose, ibiremwa by'imbabare by'Ibyakozwe n'intumwa 2:38, icyo ni cyo abatekerezaho. Ibyo, bizamukoza isoni. Bizamutesha agaciro, kandi biteshe agaciro n'amashuri ye, no mu myitwarire ye, ndetse no mu ishyirahamwe ry'ubushakashatsi bw'itorero abarizwamo. Bazamujugunya hanze mu nama itaha. Ntirishobora kwemera ibintu nk'ibyo hagati ya ryo. Rero, ntirishaka gutwitira Ijambo, kubera ko ibyo bintu ari byo byonyine Ijambo rishobora kubyara. Uwabyawe n'Umwuka w'Imana afite Umwuka w'Imana muri we. Nta bwo ari ukwemera itorero mu bwenge, kugendera mu mahame, nta misatsi yogoshe, mu maso hasize amarangi, nta hantu na hamwe dusanga ibintu nk'ibyo muri ryo, ibi nta byo dusanga mu Ijambo ry'Imana. Icyo dusanga mo, ni umwana w'igihe cya kera, wejejwe, wuzuye Umwuka Wera, wabyawe n'Umwuka w'Imana, usakuza, uramya kandi ushimira Imana.

58 Ibyo, we, biramurenze pe. Nta bwo ashaka ibyo. Yoo! Oya mugabo! Nta nabusa.

Ni iki akora? Azabyara injangwe ebyiri z'ibibyarwa bisize amarangi mu maso, bambaye amakabutura, bene Yezabeli. ibibyarwa by'Injangwe". "Nimurebe hariya, iriya njangwe", niko babita, murabona? Bafite mu maso hasize amarange kandi bambara amakabutura. Murabona? Ntekereza ko babita injangwe. " Murabona? "Mwitegereze injangwe itambuka, hariya", cyangwa ikintu nk'icyo. Yaravutse, cyangwa yarashyingiwe, cyangwa yunze ubumwe n'umugabo we wa mbere, Adamu wa mbere, Eva, umugore w'umusambanyikazi, umugore wa mbere wa Adamu. Muravuga muti: "Umusambanyikazi?" Nyakuri yari we. Ariko, yoo, yemeza ko, uwo Adamu wa mbere, yapfuye, "yoo, nyakuri, hashize igihe kirekire apfuye. Navutse bwa kabiri," Aravuga ati: "Kandi nyakuri, nashakanye na Adamu wa kabiri, na Kristo, Ijambo."

59 Noneho, Itegereze ibyo akunda. Itegereze inshuti ye, niba mushaka kureba uwo akundana na we. Ijambo rivuga ibi; naho we akavuga ati: "Itorero ryanjye rivuga ibi."Noneho, ni nde akundana na we? Ni nde mugabo we? Imbuto ze bwite zihamya uwo ari we. Ibyo neza neza ni ukuri, bagaragaza abo bari bo.

Mwitegereze, yabanje kubyarwa na Adamu, kubera ko uku, ni ukuvuka kwe kwa kamere. Murabona? Kandi we ntiyigeze abivamo. Ni umukunzi w'Isi. Yemeza ko ubwa kabiri, yabyawe na Kirisito. Ariko mwitegereze, umukunzi we, aracyari Adamu, kubera ko akunda Isi.

Ikindi, mwitegereze ubwoko bw'abana abyara. Dore ikigaragaza se uwari we. Niba ari Adamu wa mbere, cyangwa Adamu wa kabiri. Niba Itorero ribyaye umwana wa Adamu wa kabiri. Azakora mu buryo bwa Adamu wa kabiri, nk'uko bagenje ku munsi wa Pantekoti. Ni bo b'ukuri, abana b'ukuri ba Adamu wa

kabiri. Murabona ? Ni byo, kamere ye ni nk'iyabo. Yego mugabo. Abakobwa be: mu maso hasize amarangi, imisatsi irogoshe, bambara imyambaro y'abagabo, amapantalo. Bibiliya iramubwira iti: "Ntugakore ibyo." Yogosha umusatsi we. "Kuri we biteye isoni." Muravuga muti: "Muceceke kuri ibyo." Ni cyo Ijambo rivuga. Ndabereka gusa kamere ye, ni byo akora.

60 Abahungu be, abahungu yabyaye, bishingikiriza ku nyigisho, ku mashuri, ku ishuri ryitwa irya Bibiliya, kuri kaminuza, hafatwa nk'ituragiro ry'abashakashatsi ba madini nka Gahini, neza neza ibibyarwa, mu birebana n'Ijambo, nk'uko Gahini yari cyo: ni ukuri, neza…ibibyarwa nk'uko Gahini yari cyo, abashakashatsi bakidini. Murabona ibyo ari byo?

Imana ntiyigeze itunganya idini na rimwe, irarirwanya, Ijambo ryayo rirabirwanya. Ariko bo, babyihambiraho, noneho murabona ibyo babyara, bigaragaza uwo se na nyina bari bo, neza neza. Ibibyarwa nka Gahini. Ni ubwo bwoko bw'umwana wabyawe na Eva. Bagiye kure y'Ijambo, kandi murabona icyo yabyaye. Neza neza ni cyo itorero ryabyaye, ibintu bimwe. Nshobora kubibahamiriza nkoresheje Ijambo, ko ari aho amashuri n'iterambere byavuye, kuri Gahini, neza neza ni byo. Kuko bahamya… ariko bihamya ko ari abana b'Imana, ariko babyawe n'idini, bigishijwe n'ishuri ry'idini, ndetse n'ibindi, ni byo neza neza. Abanyamayeri, abanyabwenge! Yoo! Ni uko inzoka yari imeze, se, ni ukuri. Ababwiriza b'abanyamayeri kandi b'abashakashatsi, nk'uko Gahini yari ameze, murabona? Ni kimwe neza neza. Muravuga muti: "Mwene Data Branham, ibyo, ni byo?"

61 Mwongere mufate Itangiriro 4:16 akanya gato, nuko murebe uko byagenze.

Nuko Gahini ava mu maso y'Uwiteka atura mu gihugu cy'i Nodi, mu ruhande rw'iburasirazuba rwa Edeni.

Kandi Gahini atwika umugore we inda abyara Henoki, yubaka umudugudu awitirira umwana we Henoki.

62 N'ibindi kugeza i Tibali; ni bo bahimbye ibyuma by'umuziki, n'ibindi. Iterambere ryazanywe na Gahini! Ni byo.Kubaka imigi, gucura ibikoresho. Abashakashatsi baturutse kuri Gahini, urubyaro rw'inzoka.

Noneho, mwitegereze umurongo wa 25. Adamu arongera atwika umugore we inda; Rero yari yamutwitse inda incuro ya mbere, maze abyara abana babiri. Mugenzure Ibyanditswe. Yagize Gahini na Abeli. Igikorwa kimwe gusa, nuko abyara abana babiri.

Nta gihe kinini gishize, bambwiraga ko byari ibidashoboka ko bidashobora kubaho. Nyamara hari ibyabaye i Hollywood. Hari ibyo dufite byabaye i Tucson muri uyu mwanya, imbere y'urukiko. Umugore yabyaye umwana w'umwirabura n'uw'umuzungu, icyarimwe. Bavuga ko bidashoboka. Ariko niba ashobora gutwita imbuto ebyiri. Bari imbere y'inkiko muri uyu mwanya. Nziko bibaho ku mbwa. Bibaho ku nyamanswa. Ni byo yakoze, nuko umugabo w'umuzungu aravuga ati: "Ngiye kwita ku mwana wanjye, ariko sinzita kuri uriya" Noneho umugore aratura. Yari yaryamanye n'umugabo we icyo gitondo, maze muri uwo mugabo, aryamana n'umugabo w'umwirabura. Umuganga aravuga ati: "Niba byarabaye mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane, ibyo birashoboka", mu gihe hari indi mbuto yafashe." Niko byamugendekeye kandi ni nako byabaye hano.

63 Gahini… Satani, inzoka bahuye mu gitondo… nimugoroba ahura na Adamu, nguko uko yabyaye impanga: Gahini na Abel.

Rero, Adamu yongera gutwika umugore we inda ku ncuro ya kabiri; maze abyara umuhungu… Mwibuke, nta na hamwe muri Bibiliya havuga ko Gahini yari umuhungu wa Adamu, havugwa ko: "Yari uw'umubi," atari uwa Adamu, "Wa Satani."

…ku nshuro ya kabiri, maze abyara umuhungu amwita Seti ati "Ni uwo Imana inshumbushije… inshumbushije uwundi mwana w'umuhungu mu cyimbo cya Abeli, kuko Gahini yamwishe."

Na Seti abyara umuhungu amwita Enoshi, icyo gihe abantu batangira kwambaza izina ry'Uwiteka. Si mu gisekuruza cy'urubyaro rwa Gahini, ahubwo mu gisekuru cya Seti. Rero: "Gahini ni uw'umubi." Dore inzoka.

64 Noneho mwitegereze. Bibiliya hano ivuga yeruye iti:"Ko umugabo we wa mbere agomba gupfa. Atari ukumwirukana gusa. Agomba gupfa. Maze kubwiriza ku Gushaka no gutandukana, mwese murabizi. Rero, nta bwo mbwira iri teraniro gusa, hano, ahubwo mu gihugu cyose. Ni byiza cyane, noneho murabona ibyabaye hariya, mu Gushaka no Gutandukana. Ubwo Ibimenyetso birindwi byafungurwaga, byagaragaje ukuri kwabyo neza neza.

65 Rero, kugira ngo ushakane na Adamu wa kabiri,na Kristo, Ijambo, mugomba gutandukanwa n'urupfu n'umugabo wanyu wa mbere, idini, kubera ko nta dini na rimwe rishobora kwemera Ijambo ry'Imana ryose. Noneho munyereke aho riri. "Yoo," muravuga muti: "Iryange", undi na we azavuga bimwe ku rye. Nimuyashyire hamwe, maze muraza gusanga mwembi muri mu ikosa, iyo mukoze idini. Musome

Ibyahishuwe 17. Rero, murabona, mugomba gupfa kuri ibyo bintu.

Noneho, simbwira iri teraniro ry'aka gace, ndabwira, mu by'ukuri, igihugu cyose, mugomba gupfa ku mugabo wanyu wa mbere. Niba mwarabaye umwe na Kristo ndetse mugashakana n'idini, muri abasambanyikazi, muri Lawodokiya.

66 Nk'Itorero, mu mpande zose z'igihugu, dukurikiye Yesu Kristo, Ijambo. Kugira ngo ube mu Mugeni, ugomba kongera gushakana n'Ijambo ry'Imana, ari ryo Kristo, "Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Maze Jambo yambaye umubiri, kandi abana natwe.

Igihe cyose ushaka amahame y'idini, ukaba mu idini rihakana Ijambo ry'Imana, uri "Umusambanyikazi", ni ko Bibiliya ivuga.

Yesu yaravuze ati: "Ntimushobora gukorera Imana ebyiri icyarimwe. Mukorere Imana, cyangwa mukorere Mammon." Mammon, ni"Isi". "Ukunda Isi cyangwa iby'Isi, urukundo rw'Imana ntiruba muri we." Imbuto y'Imana ntiyaba muri we mu gihe (urukundo rw'Imana) urukundo rw'Isi rugihari. Imbuto y'Imana iri mu murimo muri mwe, ni Ijambo ry'Imana. Mu gihe Urukundo rw'Imana rukorera muri wowe, urukundo rw'Isi ntirushobora kuhaba icyarimwe. Noneho imisatsi migufi irihe, amakabutura ndetse no mumaso hasize amarangi? Noneho ibyo bintu birihe?

67 Ntimushobora kuba abanyangeso nziza kuri Kristo, Ijambo ry'Imana, kandi icyarimwe ngo mukorere n'idini ryakozwe n'umuntu. Bihabanye n'Ijambo ry'Imana. Pawulo yarabivuze hano. "Ibyo hehe?" Abaroma 7.

Ntimushobora na busa kubyara abana b'Imana, b'Ijambo rye, kuri ririya tsinda ry'ibibyarwa by'idini. Ntimwabishobora. Mu ituragiro ryanyu, ntimushobora gutanga umuhungu w'Imana, w'Ijambo, ndabwira itorero. Ariko mukomeza kwihamya kuba abanyedini cyane, Gahini na we, umuhungu wa Eva indaya, yari umunyedini cyane; yubatse ibicaniro, atamba ibitambo, yishyura ibyacumi bye, maze agakora buri kintu undi muntu w'umunyedini yagakoze. Ariko ntiyakomeza Ijambo. Ntiyagize uguhishurirwa.

68 Kandi uguhishurirwa, ni cyo cy'ingenzi, uguhishurirwa kw'Ijambo. Uguhishurirwa ni iki? Yesu yaravuze ati: "Kuri urwo rutare nzubakaho Itorero ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora."Uguhishurirwa, ni ukwizera; kuko ukwizera mwaguhishuriwe.

"Kubwo ukwizera Abeli yatanze, kubwo guhishurirwa (kubwo ukwizera), yahaye Imana igitambo gihebuje kuruta icya Gahini."

Gahini yatekerezaga ko bariye za pome, uyu munsi abantu baracyafite icyo gitekerezo, ariko ntibyari ibyo. Byari ubusambanyi, urubyaro rw'inzoka. Kandi ubwo Ibimenyetso Birindwi byabumburwaga, byarabitangaje kandi birabihamya. Igitabo cyanjye kuri byo kimaze kujya hanze. Ntekereza ko tubifite, amakopi igihumbi hano, nonaha, murabona? Mwitegereze. Ni Ibyanditswe, guhera mu Itangiriro ukagera mu Ibyahishuwe.

69 Mu gihe cya nyuma, ibiti bibiri bigeze ku kigero cyo gutanga imbuto za byo no kugaragaza ibyo biri byo. Aho niho neza neza turi uyu munsi, Lawodokiya n'Umugeni, biragaragara neza kandi birasukuye uko bishoboka mu Ibyanditswe kandi neza neza mu maso yanyu." Ntimushobora gukorera Imana na Mammon." Ntushobora kuba umukirisitu w'umunyangeso nziza, wizera Bibiliya, ngo wifatanye n'imishinga y'idini. Ntimushobora nabusa kubikora byombi icyarimwe. Ni ngombwa ko kimwe muri byo gipfa, kugira ngo ikindi kibashe kubaho.

Kandi ntimushobora na gato kubyara umuhungu- Jambo ry'Imana. Itorero ntirishobora, ntirishobora kubyara. Ntibashaka umwe muri abo bana, basakuza, bavuza induru, bavuga mu ndimi, n'ibyo bintu byose. Bo, ntushobora gukora ibyo bintu mu idini, ntibazabibemerera. Nta bwo ari bwo buryo bwa bo bwo kubabyara. Babazana imbere, bakabakora mu ntoki bavuga bati: "Niba mwizeye, muramufite. Mu gihe mwandikisha izina ryanyu mu gitabo, ni byo gusa mugomba gukora." Murabona? Ni abana b'ibibyarwa mu birebana n'Ijambo, ariko biyitirira kuba abanyedini.

70 Rero, ryatewe inda n'ubwenge n'ubumenyi bwa Satani, murebe imiterere itorero ryisanzemo! Bohereza abantu baryo mu mashuri kugira ngo bahigire kuvuga "Amen" nk'uko bikwiye. Babigisha kuvuga ibyo bintu byose, ndetse no kuba abanyabwenge cyane. Ni ibiki? Ni ugutera inda kwa satani. Ni iki Satani yateresheje inda Eva? Gushidikanya Ijambo, ku nyungu y'ubwenge, kandi ibyo byateye kugwa kw'ibyaremwe byose. Ni byo ubu neza neza yakoze mu Ijambo, itorero ryisanze ryasamye inda y'amashuri ya Bibiliya, amakaminuza n'ibyo bintu, gusoma, kwandika, imibare; kandi ntazi byinshi ku Mana kuruta uko umu Hottentot adashobora kumenya ijoro rya Egiputa. Bazi amahame yabo yose, ibitabo byabo by'amasengesho, n'ibyo byose, ariko ku by'Imana, nta cyo bazi.

Igihe Ijambo rihamirijwe, bararimenya, igihe Imana yavuze kandi yatanze igice

gito cy'Ijambo ryayo muri buri gisekuru, uko ibihe byagiye biha ibindi.

Nowa yaraje, maze abwiriza kiriya gisekuru. Noneho, hari kuba iki iyo Mose aza akavuga ati: "Twubake inkuge"? yari kuba ataye umurongo neza neza. Ariko yari umuhanuzi. Yari afite uguhishurirwa kw'Imana. Imana yahamirije ko byari ukuri. Yasohoye abana ba Isiraheli, maze abagaragariza inkingi y'umuriro imbere yabo, kandi yahamirije umuhanuzi; kandi yababwiye neza neza ibyo yajyaga gukora, kandi yarabikoze.

Baravuze bati: "Imana ntivuge, Mose abe ari we uvuga, kugira ngo tudapfa. Yaravuze iti: "Sinzongera kubavugisha ntya, ahubwo nzabahagurukiriza abahanuzi, noneho nibo bazavuga."

71 Dore, Yesaya yahagaze hariya, aravuga ati: "Umwari azasama inda." Umugabo nka we mu gihe… ni gute umwari azasama inda? "Umuhungu yatuvukiye: umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu. Azitwa: Umujyanama, Umwami w'amahoro, Imana ishobora byose, Data wa twese uhoraho. Azicara ku ntebe y'ubwami ya se, Dawidi, azategeka. Ubwami bwe ntibuzagira iherezo." Ni gute ibintu byari gukorwa? Nta byo yari azi. Yavuze gusa ibyo Imana yari yamubwiye. Birenze ibitekerezo byose, ubwenge bwose. Birenze ubushakashatsi bwa siyansi. Ni Ijambo ry'Imana.

72 Noneho twigisha abanyeshuri bacu muri seminari, muri tewolojiya z'ubwoko bwose za Bibiliya n'ibintu nk'ibyo, tewolojiya yacuzwe n'umuntu ndetse n'ibi. Amadini amwe yabyinjiyemo, ni Lawodokiya, neza neza nk'uko Imana yabivuze. Yoo! Iyo mbona ibi, bimpindisha umushyitsi, ryatewe inda n'imitekerereze y'ubwenge! Ugomba kuba ufite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye, ndetse mbere yuko winjira mo. Ugomba kugira…umuganga wo mu mutwe, mbere yuko wemererwa.

Mbese mushobora gutekereza Petero, Yakobo na Yohana bagiye kubonana n'umuganga wo mu mutwe? Muribuka bariya ijana na makumyabiri, hariya hejuru, batari bazi no gushyira umukono ku mazina yabo? Bonana na muganga wo mu mutwe, kugira ngo barebe niba ba… niba imi… niba imitekerereze yabo ikora neza, ndetse n'ibindi? Bari bafite gutekereza, ariko ntiyari yerekeranye n'imitekerereze y'ubwenge cyangwa ubushakashatsi bwa siyansi. Yari iturutse ku mbaraga z'Imana. Igihe zabamanukagaho, nta kindi bari bazi gukora keretse gusa gushyira mu ngiro ibyo Umwuka Wera yavugaga. Ntibitaga na gato ku kintu icyo ari cyo cyose cy'ubwenge, cyangwa icyo itorero rivuga, cyangwa abatambyi, cyangwa uyu n'uriya bavuga. Bakoreshwaga n'Umwuka Wera ; abagabo badatinya.

73 Muri 1Yohana 2.15, yaravuze ati: "Niba mukunda Isi cyangwa ibiri mu Isi, urukundo rw'Imana ndetse ntiruri muri mwe." Murabona? Noneho, ni gute mwatwitira Ijambo ry'Imana, ricira urubanza Isi, ricira urubanza Hollywood, ricira urubanza ibigezweho byayo, ricira urubanza ibyo birori, uko kwiyandarika, n'ibyo bakora byose bitwikiriye iyobokamana? Rirwanya ibyo bintu. Ni gute Ijambo rishobora gutera inda umuntu, ni gute, umugore ukata umusatsi, usiga amarangi mu maso, ndetse wambara amakabutura?

Ni gute umubwiriza, ujya mu mahugurwa, witegereza Ibyakozwe n'intumwa 2:38 ndetse ubona ko nta muntu n'umwe muri Bibiliya wigeze abatwizwa muri ibyo byitiriro, kandi azakomeza kuvuga ko atwitiye Ijambo ry'Imana? Ababwira ikinyoma! Yagurishije umurage w'umwana we w'imfura. Yarasambanye kubirebana n'ibintu yavuze, yarirukanywe, muri gatanya. Imana izagira Itorero, ry'irinyembaraga, Umugeni utunganye.

Bibiliya iravuga iti: "Ijambo ntiriri muri mwe." Noneho, ni abana bwoko ki muzabyara? Abana bo guterwa inda kwa kidini. Nta rupfu rwabayeho, kugira ngo rubatandukanye n'umukunzi wanyu wa mbere.

74 "Ni iki ba Yonesi bazatekereza, ninsakuza kandi nkavuga mu ndimi? Ni iki bazatekereza ni nongera kubatizwa?" Mbega ubupfu! Washakanye na Yonesi? Cyangwa washakanye n'itorero? Cyangwa washakanye na Krisito, Ijambo?

Noneho, niyo mpamvu bakibyara abana baryo. Ni bana bwoko ki rifite? Dore amwe mu mazina babita uyu munsi: injangwe, imbeba,Ibifi, ricky, ricketta, izo njangwe, izo beatles, abo, ni abagize itorero. Nyakuri. Bose ni abahungu baryo, abahungu ba Gahini, ni abahungu b'inyamanswa y'inyamayeri, uko baba boroheje kose.

75 Noneho, mufate akanya gato, musuzume neza ubugingo bwanyu, mukoresheje amaso yanyu y'umwuka, nimurebe impande yanyu. Nonaha ndabwira igihugu cyose. Nimufate gusa iminota mike yo kureba, mwebwe muri hariya, muri Branham Tabernacle, mwebwe muri mu ma Tabernacle y'uruhande rw'iburengerazuba, ndetse no muri Arizona, ndetse n'aho mwaba muri hose. Mwisuzume mu minota mike. Muravuga muti: "Mwene Data Branham ubwo Butumwa mubwiriza, ni ikinyoma." Ni mwisuzume gato. Ni mureke Umwuka Wera arondore ibitekerezo byanyu akoresheje Ijambo, hanyuma muzemeranya n'Ubutumwa. Nimureke Krisito, Ijambo risizwe, rirondore umutimanama wanyu. Ni mureke ribinjiremo, murebe niba ari byo cyangwa atari byo. Kandi nagaragaje ikintu kimwe cyangwa bibiri, mu gihe hari amagana ya byo.

76 Mbese Bibiliya yemerera umugore gukata umusatsi we? [Iteraniro riti: "Oya."- U.I] mbese Bibiliya yizera, yemerera ibi? Umubatizo mu izina rya "Data, Umwana n'Umwuka Wera, batatu, ["Oya"] ntabigaragaramo, umugore kwambara imyambaro y'abagabo, Mbese Bibiliya yemerera ibyo? ["Oya"] ni

byiza, nimufate izo ngingo eshatu gusa, mu gihe hari izindi amagana. Ni muzisuzumishe umucyo w'Ijambo ry'Imana.

Muvuga muti: "Ndi umunyamuryango w'itorero." Gahini na we yari we, na Eva yari we. Bibiliya ihanura ko mu bihe bya nyuma, Lawodikiya ariko izamera.

77 Nimureke Umwuka Wera arondore umutimanama wanyu, hanyuma muzemeranywa na Daniyeli 5:12. Igihe umwamikazi yajyaga imbere ya Belushazari, yavuze ko yumvise ko hari umuhanuzi hagati muri bo, Daniyeli, wamaragaho gushidikanya. Ni mureke Umwuka Wera, ni we muhanuzi w'uyu munsi, ni mumureke, we, yinjire mu mutima wanyu ubunyine maze asuzume ibintu akoresheje Ijambo ry'Imana, noneho gushidikanya kubirebana n'Ubutumwa kose kuramarwaho. Amaraho gushidikanya kose. Murasanga ko burebana neza neza n'Ijambo ry'uyu munsi.

Ntimushobora kubwiriza uyu munsi ubutumwa bwa Luteri. Bwajyanye na we, ariko ni ibirenge. Ah, ah. Ntimushobora kubwiriza Wesileyi. Ntimushobora kubwiriza ubupantekoti. Turi kure y'ibyo. Bakoze idini, kandi barapfuye. Bo, ni uruti.

Uruti rwasohokanye n'amababi, ni imiterere ya mbere y'itorero, noneho, ibyo hariya ntibyasaga n'impeke yambere yabibwe, ingano.

Ahantu hakabiri, ni insinda zabonetse. Ntibyasaga n'impeke. Ntibyanabyegeraga na gato. Byaje birenze ku ishusho y'impeke y'ukuri. Ariko ibibabi ntibisa n'impeke yabibwe, ibyo, ni byo, ni igitwara ubuzima cyari kiri mu mpeke. Ariko, ni iki bakoze? Bakoze idini; neza neza nk'ibindi bintu byakamere byose byifatanyamo.

Barapfuye.

78 Nonese ni iki? Ubuzima bwarazamutse buboneje mu nganagano.

Hose haba hariho uduseri duto - utubumbe duto dushamikiyeho, bisa nkaho harimo duto- impeke ntoya mo imbere. Bisa nkaho ari impeke nyazo, ariko sizo.

Hanyuma, binyura biboneje mu gishishwa. Noneho se ni iki byatanze? Igishishwa.

Noneho, nimufata impeke y'ingano, igihe ingano itangiye kumera. Nk'uko Yesu yabivuze ati: "Imbuto y'impeke."Niba mufashe iyo ngano maze mukayifungura. Muyomore ku ruti. Ni mubirebe. Muravuga muti: "Dufite impeke y'ingano." Mwitonde. Imeze neza neza nk'imbuto, ariko nta n'ishusho y'impeke iri mo imbere. Ni igishishwa. Abo, ni abpantekoti: "Cyane", nk'uko Matayo 24,24, ibivuga ko mu minsi ya nyuma, bizashuka n'intore niba bishoboka."Ariko, nimukuraho ikibabi ku kibabi, nta mpeke muzasangamo. Impeke iba iri kure, inyuma y'ibyo. Murabona?

79 Ubuzima bwasohotse muri iryo dini, maze bwinjira mu mpeke. Rero, ni iki kibayeho? Igihe impeke itangiye gukura, kubyibuha, kugira ngo ibashe gutwikira ikintu runaka, noneho idini rishwanyurwaho, ni ukubera iki tutabonye idini risohoka muri ibi? Ntirizabibasha. Ni impeke. Ntirishobora kugera kure? Turi mu bihe bya nyuma. Noneho, ni iki bagomba gukora ubu? Ni mugume mu kugaragara kw'Umwana, kugira ngo mukure, ni byo, Ijambo rigomba gukura mu mitima yanyu, kugira ngo ritange kandi ribesheho ibyo turi kuvuga. Yego mugabo.

Noneho, ntimuzongera gushidikanya, nimureka Umwuka Wera ukabibahishurira; nk'uko umwamikazi yabivuze kuri Daniyeli.

80 Mushobora kuvuga muti: "Ni iki ibi byose birebanaho no gushimira? Ni ibiki muvuga, Mwene Data Branham? Ubu turi saa mbiri na mirongo ine n'itanu. Ntimwavuze ku gushimira na gato." Mbega ubutumwa bw'igihe, ku bwanjye! Yego, mugabo.

Ba data b'abagenzi barashimaga kubw'ubuzima bwabo bushya, igihe bari batandukanye n'imihango ndetse n'idini ry'abongereza rishaje. Bashoboye gushakana n'Ijambo rishya risigiwe igihe cyabo; ni ukuri, Ijambo rishya risigiwe igisekuru cyabo, kubw'igihe cyabo.

Natwe, dushobora gushimira, twe b'abagenzi, nka Aburahamu, twatandukanye n'ibintu by'Isi, ndetse na bagenzi bacu. Aburahamu yari umugenzi. Imana yadutandukanije n'amayobokamana yose apfuye,- muri aka kanya ndikubwira igihugu cyose,- amahame yose apfuye.Maze tujya kuki? Yaradutandukanije, maze aduha uburenganzira ku gihugu gishya, ku Butumwa bushya, bw'uyu munsi.

Ubupantekoti bwarumye kandi bwarapfuye, nka Luteri, Wesileyi n'abandi. Nta cyo bari cyo uretse agatsiko k'insengero zifitanye isano. Haracyari abantu b'imico myiza mo hariya, bagomba gusohoka mo.

81 Ni iki yakoze? Yabumbuye Ibimenyetso Birindwi by'Ubutumwa bwa nyuma. Mwaba mwaritegereje ibi? Ibimenyetso Birindwi; mu by'ukuri, ubwiru bwose bw'ibihe birindwi by'itorero bwari bufatanishijwe Ibimenyetso Birindwi. Abagorozi ntibagize igihe cyo kubikora mu gihe cya bo. Ntibabayeho igihe kirekire

bihagije. Ariko uku guhishurirwa guhawe umugisha kw'Ibimenyetso Birindwi kwatubumburiwe muri iyi minsi ya nyuma, mu buhanuzi bwasohoreye muri Arizona.

Umunsi umwe, nyakuri nabajije Imana nti: "Ni iki unshakaho hano muri ubu butayu?

Mwaba muzi ko Mose yanditse Isezerano Rishya… nako, Isezerano rya Kera? Nyakuri yarabikoze. Ibitabo bine bya mbere byatanze amategeko, n'ibindi: Itangiriro, Kuva, Abalewi no Gutegeka kwa kabiri. Yanditse Isezerano rya Kera. Kugira ngo abikore, byamusabye kuva muri bagenzi be n'inshuti ze magara maze akajya mu butayu.

82 Pawulo yanditse Isezerano Rishya. Ni byo, yanditse Urwandiko rwandikiwe Abaroma, Abaroma n'izindi zose, hariya, Abaheburayo, Timoteyo, n'ibindi n'ibindi. Kugira ngo abikore byamusabye kwiheza, kujya muri Arabiya, kujya mu butayu, mu gihe cy'imyaka itatu, kugira ngo yakire uguhishurirwa kw'Imana.

"Yoo" muravuga muti, "Ariko se Matayo, Mariko, Luka na Yohana bo bimeze bite? Bo, bari abanditsi, banditse gusa ibyo Yesu yakoze.

Pawulo yariheje, maze ahuriza hamwe Ijambo. Ni byo. Ni byiza, murebe, niba byarasabye ibyo, ko bajya mu butayu, kure y'inshuti zabo magara.

Mwaba mwibuka Mugabo, ni gihe ki? Ni bangahe bamaze kucyumva? Muvuge muti:"Amen." "Amen." Ese neza neza byari byo? "Amen." Rero, muri iyi minsi yanyuma, twakiriye uguhishurirwa, ku bw'Ubutumwa bw'Umwami Mana azateraniriza hamwe Umugeni we. Ibitarasezeranijwe ikindi gisekuru. Ibyo byasezeranijwe iki gisekuru: Malaki 4, Luka 17:30, Yohana 14:12, Yoweli 2:38. Ayo masezerano ameze neza neza nk'uko Yohana Umubatiza y'isanishije mu Ibyanditswe.

83 Yesu yarisanishije. Ni iki bavuze? "Mukureho umuntu nk'uyu!" "Yohana bati ni umunyeshyamba." Itorero ntirishobora kwakira ibyo. Dore ikitegererezo. Kandi uyu munsi nta na busa, itorero ntirishobora kumwakira.

84 Ariko ku Ntore, Imana ihamagara intore. Zikabimenya: Ihamagara Umugeni w'Umunyangeso nziza,

Ijambo, Itorero ryo mu minsi ya nyuma, Umudamu watwe w'Umwami Yesu Krisito, Ijambo. Niba… Yesu ari Ijambo. Ni bangahe babyizera? "Amen." Ni byiza. Rero, kubera ko Umugeni ahora ari igice cy'Umukwe, nuko, Umugeni ntazaba idini. Agomba kuba Ijambo, rigaragajwe, kugira ngo abe Umugeni wa Krisito. Yasezeranije kubikora, yavuze uko azabikora. Ntakoresha… ntimukigere mujya kure y'ikitegererezo yashyizeho. Yahoze akora agendeye ku kitegererezo. Yarabikoze, buri gihe, agendeye kukitegererezo. Kandi yongeye kubikora, mu minsi ya nyuma, ahamagara Umugeni we w'umunyembaraga gusohoka, Rebeka mwiza utegereje Isaka we. Mbega igihe kiza!

Ibi bitanga umucyo ku bitabo bibiri bizajya kubabera nk'ubwiru, igihe muzasoma igitabo cy'ibihe birindwi by'itorero. Ibitabo bibiri: Igitabo cy'Ubugingo, bavuga ko, umwe avuga ko ushobora kwandika mo izina ryawe, ntuzigere usibwamo; undi avuga ko ushobora gukura izina rye mu Gitabo cy'Ubugingo. Ibi bishyira ibintu neza neza mu mucyo. Nshobora kuba ngiye guhagarara iminota mike, ku nyandiko zimwe mfite hano, kugira ngo nkore kuri iyo ngingo mbere yo kurangiza.

85 Ku Mana, ubuzima ni ikintu cyera, noneho ryandikwa mu gitabo. Imana niyo muhanzi w'ubuzima. Ibyo murabyizera? [Iteraniro riti: "Amen." -N.D.E.]

Ubuzima bwacu bwa kamere, ubwo dufite hano, neza neza ni ukwangirika. Mu by'ukuri, bwagombye kuba icyo ubuzima bugomba kuba bwo, ku ntangiriro, ariko bwarangiritse binyuze mu kuvuka kwa kamere. Ku buzima bwanyu bwa mbere, cyangwa ku kwiteranya kwanyu kwa mbere, mu kuvuka kwanyu mwafashe uruhare muri byo, ku bwa kamere, ku bw'igikorwa cya kamere. Ikiremwa muntu cya kamere, binyuze mu mibonano, umugabo n'umugore bagiranye imibonano mpuzabitsina, ni byo byatanze ubuzima bwanyu bwa mbere hano, kandi ubwo bufitanye isano n'icyaha n'urupfu. Ni gute mudashobora kubona urubyaro rw'inzoka?

86 Igihe mubonye umugore, ikintu cyakuwe mu kindi, - nta kindi kigore kimeze nkawe, - yaremwe gutya neza neza kugira ngo abashe gushukwa. Imana yari ibizi. Niba itari izi iherezo kuva ku ntangiriro, rero ntiyari Imana. Niba itagira iherezo, niba itari… ntishobora kuba itagira iherezo itazi byose, ibera hose icyarimwe, itazi ibintu byose, itari Uwiteka. Rero, yari izi ibintu byose, kandi rero byari ngombwa ko irema uriya mugore. Umugabo nta mugore yari afite. Umugore n'umugabo bari umwe kandi ikintu kimwe. Muri we yari afite umwuka w'umugore n'uw'umugabo .

Byayisabye gutandukanya, gufata ikintu cyakuwe mo, nyuma yuko kuremwa kose kwari kurangiye. Nta kigore na kimwe cyaremwe n'Imana, mu gihe cy'iremwa ry'umwimerere, ntishobora gukora ikintu nk'icyo. Yaremwe atyo, kugira ngo akore atya. Yari izi ko yari kubikora. Niba itari ibizi, ntiyari Imana. Ariko, murabona, ibiyigize biri mu Mana byagombaga kugaragazwa. Ya yagombaga kuba Umukiza. Mu gukora ibintu byose mu buryo butunganye nk'uko yabikoze. Rero, nta na kimwe cyashoboraga kuzimira.

Yoo, ntimube abana. Mube abagabo n'abagore. Turi ku mpera y'inzira.

87 Rero, yari kamere ifitanye isano n'urupfu. Umugabo wanyu wa mbere, wabategekaga, yari kamere yanyu, binyuze mu kuvuka kwanyu kwa kamere. Binyuze muri kamere, mukunda Isi, kubera ko Isi ari mwe kandi mugize Isi. Si byo? "Amen." Ibyifuzo byanyu, binyuze muri kamere, byari ugukunda Isi, iyo mugize. Mugize ibyaremwe. Mbese mwizera ibi? "Amen." Rero, binyuze muri kamere, ni byo bibanezeza.

Niyo mpamvu mugomba kuvuka ubwa kabiri. Mugomba gutandukana; mugomba gupfa kuri uwo mugabo wa mbere. Ntimushobora kubana na we. Ntimwanezezwa no kuvuga muti: "Ni byiza, ngiye gutandukana na we, ngiye kumureka mu gihe ntegereje." Oya mugabo. Si urwandiko rwa gatanya! Apfe. Kamere y'Isi igomba gupfa. Buri kibanza cye kigomba gupfa. Mugomba kongera kwihuza n'indi Kamere.

88 Izina ryanyu, rya kamere yanyu yambere, yaravutse, kandi yandikwa mu gitabo cy'ubugingo. Ndetse n'ibikorwa byanyu na byo, byanditswemo. Ibyo mwakoze byose muri iyo kamere byanditswe mu gitabo, kitwa Igitabo cy'Ubugingo.

Mwitegereze, muri Daniyeli, igihe yajyaga ku "Umukuru nyir'ibihe, uwo imisatsi ye yeraga nk'ubwoya.

Inzovu incuro inzovu bazanye na We, kugira ngo bamukorere; Umugeni. Maze ibitabo birabumburwa." "N'ikindi Gitabo kirabumburwa, cyari Igitabo cy'Ubugingo." Murabona? Hari abera bamaze kubamo, Itorero, Umugeni. "Ikindi Gitabo kirabumburwa, cyari Igitabo cy'Ubugingo."

89 Noneho, mwebwe, ariko, iyo mwitandukanije n'ubwo bumwe, binyuze mu rupfu rw'Umwuka. Ibyifuzo byanyu bya kamere, ni ugukata imisatsi. Ibyifuzo byanyu bya kamere, ni ukwambara amakabutura, kwisiga amarangi. Ibyifuzo byanyu bya kamere, ni ukuba umunyabwenge, umuntu w'umunyabwenge, kurusha undi kumenya ikintu. Ibyo ni byo Eva yashatse. Neza neza ni icyo yashatse.

"Ati, yeeh! Ikintu kidafite agaciro, umuvugabutumwa udafite icyo azi, uraza kuza kubinyigisha? Njyewe, mfite dogitora, dogitora mu mategeko." Igihe cyose mwongeraho imwe, nta kindi bikora keretse kurushaho kukujyana kure y'Imana. Murabona? Murabona? Neza neza. Ni byo. Murabona?

90 Ibyo ni byo Eva yahisemo.Yatewe inda n'uko gutera inda. Icyo ni cyo itorero riri cyo uyu munsi: hamwe n'amashuri ya Bibiliya n'ubunyabwenge. Murebe, kandi buri umwe ntiyumvikana n'undi, akavuyo kadasanzwe, neza neza ni cyo Bibiliya ivuga: "Babuloni."

Umugeni azi aho ahagaze. Ni bake cyane. Ntihazabaho benshi bazakizwa; gusa bake cyane, cyane, cyane. Muravuga muti: "Ni byiza, hariya havuga "Ibihumbi." Yego. Ariko bavuye mu myaka ibihumbi bibiri, ya buri gisekuru baturutsemo. Igisekuru cya Luteri na ririya tsinda; bapfuye bakurikirana, nyuma yaho abantu bakoze idini: hanyuma, Wesileyi; hanyuma abapantekoti baraza, n'ibindi n'ibindi. Amashami mato yose, ababatisita, abapuresipiteriyani, abametodisite, abanazareye, abagenzi bo kwera, n'ibindi n'ibindi, murebe, ayo yose yihurije hamwe aturutse hariya, nk'ikibabi.

91 Ariko, muribuka, igihe ryagwaga, kandi impeke igatangira kwera. Icyo ubona, ni uko mbere yuko iyo mpeke ikura, ibyari muri urwo ruti byose bigomba gupfa. Haleluya! Mwashobora kubona aho turi ? Ubuzima bwongeyeye kuba mu mpeke. Ni iki? Neza neza nk'iyo mpeke imwe yabibwe mu butaka, Yesu umwe mu ishusho y'Umugeni, imbaraga zimwe, Itorero rimwe, ibintu bimwe, Ijambo rimwe.

Ijambo rimwe ryakoze urugendo rwa ryo muri ibyo bintu byose kandi ryazamutse kugeza hariya, rigeze mu bukure hano. Kandi ubwo buzima bwose bwazamutse bunyuze mo hariya, bufata abantu ba bwo. Kandi ubu, bugeze ku bukure, ku mutwe, ku bw'Izamurwa. Nzavuga kuri ibi ejo nimugoroba cyangwa umugoroba uzawukurikira, umwe muri iyo, niba Umwami abishaka. Ni byiza, noneho mwatandukanijwe n'ubumwe bwanyu bwa mbere binyuze mu rupfu rw'umwuka. Noneho mwavutse bwa kabiri cyangwa mwongeye gushyingirwa, binyuze mu ubumwe bushya bw'Umwuka; nta bwo ari ubuzima bwanyu bwa kamere, bw'ibintu by'Isi, ahubwo bw'ubuzima bw'iteka. Iyo mbuto yari iri muri mwe ku ntangiriro yarabatahuye.

92 Noneho igitabo cyanyu cyakera cyajyanye n'ubumwe bwanyu bwa kera. Noneho izina ryanyu, mu cya kera cyanyu, mu cyanyu… cyaroherejwe. Rero, mwambwira muti: "Mbese aho mushatse kuvuga ko igitabo cyanjye cya kera…" Imana yagitaye mu Nyanja yayo yo kwibagirwa. Muratunganye imbere y'Imana.

Noneho, izina ryanyu ubu ryanditse mu gitabo gishya, si mu Gitabo cy'Ubugingo, ahubwo mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama, kubo Umwana w'Intama yacunguye. Si igitabo cya kera cy'ubumwe bwa kamere yanyu, ahubwo igishya, ku bwanyu, Umugeni. Haleluya! Ubuzima bwanyu bushya buri mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama, icyemezo cyanyu cy'ubukwe, Haleluya, mu gihe imbuto yanyu y'ukuri y'iteka, yatewe, kuva ku ntangiriro.

Noneho ntimwababariwe gusa, ahubwo mwaratsindishirijwe. Icyubahiro! "Gutsindishiriza", Abaroma 5.1 havuga hati, yego, Abaroma 5.1 havuga hati: "Rero, twatsindishirijwe no kwizera."

93 Mushakishe ubusobanuro bw'ijambo. Iri jambo ntirishatse kuvuga kubabarira. Iri jambo rishatse kuvuga gutsindishiriza. Ntirishatse kuvuga ko mwababariwe.

Urugero, niba mwarumvise bavuga ko nari nasinze kandi ko nakoze ibintu bibi, n'ibindi byose. Kandi hanyuma mukaza kumbwira, ko mwasanze ntarabikoze, kandi mukaza kumbwira muti: "Mwene Data Branham, ndababababariye." Murambabariye? Sinakoze ibyo bintu, ku ntangiriro. Murabona?

Noneho, niba narabikoze, nciriwe urubanza. Ariko mushobora kumbabarira, rero sinzaba nciriwe urubanza. Kubiri amambu, sinzaba nsindishirijwe, kuko mu by'ukuri nabikoze. Ariko ubusobanuro bw'ijambo gutsindishirizwa, ni nkaho mutigeze mubikora na gato. Amen. Nta nubwo byitabwaho. Mbese bishobora gukorwa bite? Mu gitabo cy'Imana cy'Inyanja yo Kwibagirwa, Igitabo cyanyu cya kera n'ubukwe bwanyu bwa kera bwayongeshejwe no gutandukana, kandi cyarapfuye. Nta n'ubwo kiri mu bigize urwibutso rw'Imana. Amen. Mwaratsindishirijwe. "Rero ubwo twatsindishirijwe."Hari ikirego. Mwararezwe. Ndetse ntimwanakoze ibyo bintu ku ntangiriro. Ubumwe bwa kera buri mu Nyanja yo Kwibagirwa y'Imana. Ahantu hambere, ntimwashakanye na cyo. We, Umukwe, yikoreye isoni zanyu, we ubwe, kubwanyu, mu myanya wanyu. Yafashe umwanya wanyu, kuko yabatoranirije kuba abe, kuba mu Umugeni we, mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro. Bibiliya irabivuga. Muri imbuto yamenywe mbere.

94 Ni gute wageze aho ukora ibi? Ni kubw'ubushukanyi mwabishyizwemo, bitewe no gushakana kwanyu kwa mbere, kubw'umubyeyi wanyu w'umusambanyikazi, Eva. Si ikosa ryanyu. Binyuze mu kuvuka kwanyu kwa mbere, mwakomotse kuri Eva, wasambanye. Niyo mpamvu mwavutse muri abasambanyi. Muri abanyabyaha, kuva mu ntangiriro. Ni byo. Ni kubw'ubushukanyi mwabishyizwemo. Ntimwari mufite… Oya, mwebwe, si ikosa ryanyu. Ntimwigeze mubikora na gato. Mu by'ukuri, iyo mbuto ntoya yari muri mwe, ni cyo mwagenewe kuba cyo, mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro. Imana yashyize izina ryanyu mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama.

95 Ni nk'inkuru yanjye ya kana k'ikizu, mwese mwumvise. Inkoko… Umuhinzi w'umusaza, igihe kimwe, yararirije inkoko. Rero, nk'uko atari afite inkoko zihagije… amagi yo kubundikirwa n'inkoko, noneho, yabonye igi ry'ikizu, maze arishyira munsi yayo. Igihe ikizu cyavukaga, cyari umushwi uteye ukundi birenze indi minshwi itigeze kubona, maze ako kana k'ikizu kagakurikira. Inkoko yavugaga iti: "ko-ko-ko-ko!" Akana k'ikizu karibwiraga kati: "Sinzi icyo ibi bishatse kuvuga, ariko uko biri kose ngiye kumukurikira."

Zajyaga mu kiraro maze zigatangira kuraha ibirundo by'amase . maze ikavuga iti: "ko-ko-ko! Ni byiza. Ni byiza. Ngwino wifatanye natwe. Kandi icyo ni cyo…"

Akana k'ikizu, ntikashoboraga kurya ibyo biryo. Murabona? cyo cyakurikiraga gusa imishwi, kuko cyitari kizi. Nticyari kizi icyo gukora. Nuko hanyuma, yajyaga hariya, maze igafata iki cyangwa kiriya. Akana k'ikizu, byonyine… yari itegetswe kumira ibyo, ariko cyo nticyari kizi uko gikora. Ariko, cyari cyarabonye imishwi yose ikora ityo, ariko cyo, ntibyari uko. Cyo, nticyabikunze.

96 Noneho, umunsi umwe, nyina yari izi ko yateye amagi abiri, rero ijya gushaka irindi, yagurukiye aho hafi, irashakisha, nk'uko Umwuka Wera ukomeye ukora. Umunsi umwe, yagurukiye hejuru y'ikiraro, cy'iryo dini. Ireba hasi, maze ibona akana ka yo. Yarasakuje n'urusaku rwayo. Ryari ijwi ry'ikintu runaka kivugira muri ko. Yoo, byumvikana neza, ibi! Yoo! Reka imbuto y'ukuri yavutse, yamenywe kera, yamenywe n'Imana, yumve Ijambo ry'Imana, kandi kubwa yo, ni indirimbo. Izi ko ari ukuri.

Uko biri kose, yararambiwe bihagije ibyo biryo bya kidini: "Ifatanye natwe.Tujyane. Tugira ibirori rusange. Dufite ibi. Dufite…" ntibyumvikanaga mu by'ukuri neza, ku kana k'ikizu.

Yaravuze iti: "Gahungu, uko biri kose, ntabwo uri uwa ririya tsinda. Uri uwanjye. Uri uwanjye." Karavuga kati: "Mama, birumvikana ko ari ukuri. Ni gute ngiye gukora kugira ngo nsohoke hano?" "Simbuka gusa. Ndagufata." Yego. Ni byo mugomba gukora byonyine.

97 Igihe Ijambo ry'Imana risizwe, rizahamirizwa imbere ye, umuntu wese wavukiye kuba umwana w'Imana, ufite muri we imbuto yatoranirijwe iyi saha nyine, azabona Ubutumwa bw'Imana, nk'uko hariho Imana mu Ijuru. Maritini Luteri yabonye ubw'igihe cye. Wesileyi yabonye ubw'igihe cye. Abapantekoti babonye ubw'igihe cyabo. Noneho, bimeze bite kuri mwe? Murabona? Bakoze idini. Dore, Ijambo ribicira urubanza. Ribabwira ibyo dukwiye kugira uyu munsi, kandi neza neza Malaki 4 n'ariya masezerano yandi yose y'iki gihe. Murabona iki? Muritegereza iki? Amen. Niho turi. Ibizu by'ukuri, by'umwimerere, birumva. "Intama zanjye zizi Ijwi ryanjye ntizizakurikira umunyamahanga."

Kubera iki? yashyizwe mo imbere binyuze mukumenywa mbere. Mwatorewe kuba abana b'Imana. Mwari mu Mana mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro. Byonyine mwagaragarijwe muri iyi minsi kubw'icyubahiro cyayo n'ubwiza bwayo. Ni gute mwashobora kubikora mutubashye Ijambo ryayo, mudahagaze kuri buri Jambo ry'Imana? Yego mugabo. Kandi muri igice cy'iryo Jambo binyuze mukumenywa mbere. Kubera ko, murebe, Imana ni Ijambo." Murabyizera? [Iteraniro riti: Amen- U.I.] Ni byiza, rero, niba… Jambo yari Imana, noneho mwari mu Mana; Ijambo, umurimo mwagombaga kuzuza, wari mu Mana, mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro. Yarababonye. Irabazi. Ni cyo yabatoranirije.

98 Ndabibabwiye, nk'uko icyo kizu cyamenye iryo jwi, umukirisitu w'ukuri wavutse ubwa kabiri na we, amenya Ijwi ry'Imana rivuga rinyuze mu Ijambo, igihe aribona risizwe kandi rihamirijwe. Murebe. Cyarebye hariya hejuru. Nticyabona iyo nkoko ishaje yavugaga iti ko-ko hafi aho: "Ifatanye natwe, kandi uze hano. Erekeza kuri ibi, kandi werekeze kuri ibi ndetse no kuri biriya." Cyabonye ikiremwa kimeze nk'icyo yashakaga kuba, gitambagira mu kirere, gisakuza, kisanzuye, mu bushorishori, hejuru y'inkongoro zose ndetse n'ibintu byose by'Isi. Haleluya! Ni cyo cyashakaga kuba cyo, kubera ko cyari gifite muri cyo icyo yagombaga kugira ngo ibe icyo.

99 Kandi umuntu wabyawe n'Imana, umwana w'Imana, agomba kugira kamere y'Imana. Agomba kuba nk'Imana. Yubaha Imana. Ni igice cy'Ijambo ry'Imana. Kandi muri iyi minsi ya nyuma, aho uyu Mugeni ari gufata ishusho, neza neza imbaraga zimwe n'izari zimurimo ku ntangiriro, izo mbaraga zimwe zanyuze muri ayo madini n'ibindi n'ibindi, kandi zagaragarijwe Umugeni, nta wundi ashobora kuba we keretse uwo.

100 Abayuda mu gihe cyabo, igihe babonye ibyo bigaragazwa byuzuye mu maso yabo: yarameze neza neza nk'uko umuhanuzi yamutangaje. Yaravuze ati: "Mugenzure mu byanditswe; mutekereza ko arimo mufite ubugingo. Ni byo bimpamya. Niba ntakora imirimo ya Data, ntimunyizera. Ariko, nubwo mudashobora kunyizera, mwizere imirimo nkora."

Baravuze bati: "Ba data bariye manu mu butayu mu gihe cy'imyaka mirongo ine. Tuzi aho duhagaze."

Yaravuze ati: "Kandi bose barapfuye", bivuze gutandukana iteka. Bose, barapfuye. Keretse batatu, babiri, kuri miliyoni imwe cyangwa miliyoni ebyiri. Bivuze umwe muri miliyoni.

101 Ni byiza, igihe cyo gutera intanga, mu ntanga z'ikigabo n'ikigore, muri rusange habaho intanga ngore imwe gusa ifata. Habaho intanga ngore imwe, imbuto imwe gusa ifata, niba mwaramaze kubona uko kwimanya ku mukumbi bikorwa, mwitonde. Hano hari miliyoni imwe y'intanga ngore; hano hari miliyoni y'imbuto; kandi igihe ibi bisutswe, kugira ngo byihurize hamwe muri nyababyeyi, binyura mu itiyo kugira ngo bicengere muri nyababyeyi, aho bihurira. Ku ruhande rumwe haba hari intanga ngore. Intanga ngore miliyoni; imbuto miliyoni. Habaho intanga ngore imwe gusa ifata. Habaho imbuto imwe gusa ifata. Zose ziba ari nzima. Ushobora kwitegereza inyana nto zikubita, hariya, agatonyanga gato ushobora gushyira ku mwambi w'ikibiriti.

Demos n'abandi bari kumva uyu mugoroba, kandi aribuka igihe ubwo twabajyanaga, yanjyanye hariya kugira ngo anyereke uko bikora. Ibipimo bapimiramo, izo bashyiramo izihagije neza neza nk'izajya ku mutwe w'ikibiriti. Harimo inyana nto amamiliyoni n'ibimasa bito mo imbere, ariko habamo imwe gusa muri zo ishobora kubaho. Imwe gusa muri zo! Kandi harimo itsinda rinini, hano. Ariko ushobora kubona imwe izasesera isohoka mu itsinda riri hano, izaca hejuru, iyo mbuto izaturuka hano, kandi intanga ngore izasohoka hagati mu zindi ziherereye hano, noneho zizihuza. Maze izindi zose zipfe. Icyakora, ni nzima, ariko zirapfa.

102 Kubera ko, hari ikintu runaka, umuntu runaka watumye iyi itwita, kandi yemereye iyi ko itwita na yo. Ni ukugenwa mbere, Mwene Data. Nyakuri. Ni Imana igomba kwemeza niba izaba umuhungu cyangwa umukobwa, imisatsi itukura, imisatsi y'irabura, cyangwa ikindi. Ni Imana ibyemeza. Ni ubwiru kurijye kuruta kubyarwa n'umwari. Ariko mwitegereze, izindi zose zirapfa.

Miliyino ebyiri z'abantu zarasohotse, bararirimbye, barasakuza, bakora n'ibisigaye byose. Oya, ntibavuze mu ndimi. Ariko barasakuje, kandi baha Imana icyubahiro, maze barabyina ku nkombe z'inyanja yose, kandi bakora ibyo abandi bakoze byose, ariko habonetse babiri gusa binjiye mu gihugu cy'isezerano. Kalebu yinjiyemo, Kalebu na Yosuwa, babiri bonyine. Bivuze umwe kuri miliyoni. Ni umwe kuri miliyoni mu kuvuka kwa kamere. Bose bakiriye imigisha imwe. Yoo, mwebwe, abapantekoti, nizeye ko mutazakererwa gukanguka.

Umwe kuri miliyoni. Murabona. Bishoboka ko hari miliyoni magana atanu z'abiyita abakirisitu mu Isi, uyu munsi, niba Yesu aje, haboneka magana atanu bajyana na we, rero, niba iryo barura ari ukuri. Noneho, hariho abaruta abo Babura buri munsi mu Isi. Nta cyo babiziho.

103 Ndasobanukiwe, abanditsi baravuze bati, muzi, ko…'Kubera iki abanditsi bavuga ko Eliya agomba kubanza kuza?" Ni byo babwiye Yesu.

Yaravuze ati: "Eliya yamaze kuza, kandi ntimwabimenye." Murabona? Yakoze neza neza nk'uko Ibyanditswe byari byaratangaje kuri we. Murabona? "Nk'uko Umwana w'umuntu agomba kubabazwa. Munsi…"Ntibamumenye. icyakora, bose bari bagize itorero. Bose biyitiriraga kuba bariho. Mureke umukirisitu w'ukuri wavutse ubwa kabiri, umukozi w'ukuri w'Imana, yumve iri Jambo ry'Imana, maze azasohoka nta gutindiganya muri ayo madini yose, kugira ngo aze muri ubwo butaka nyakuri burumbuka, bw'Ijambo, mu butaka bwo kubibwamo. Izabikora, sinzi uburyo Ibikoramo. Ariko Imana yemeye ko bikorwa.

104 Mwarashutswe ku ntangiriro, bitewe no gushaka kwanyu kwa mbere. Noneho muzi icyukuri. Ni nk'uko navuze ku cyana cy'ikizu, igihe yumvise Ijwi ry'Umukwe, yaramusanze, Ijambo ry'Imana ry'iminsi ya

nyuma, risizwe kandi rihamirijwe.

Nowa yari Ijambo rihamirijwe ku bw'igihe cye. Ibyo murabyizera? “Amen.” Noneho, ubutumwa bwe ntibuzakora uyu munsi.

Mose yari Ijambo rihamirijwe ry'igihe cye. Ibyo murabyizera? “Amen.” Ntibizakora uyu munsi. Yesu yari…

Yohana yari Ijamo rihamirijwe. Ibyo murabyizera? “Amen.” Ntibyari gukora mu gihe cya Yesu. Nyakuri Oya, Oya mugabo. “Kugeza kuri Yohana, yari itegeko n'abahanuzi; kuva icyo gihe, ni Ubwami bw'Imana.

105 Banditse Bibiliya. Dore Luteri ahageze, azanye ubugorozi, amagambo ye, hariya, itorero rye, ntibizakora uyu munsi. N'irya Wesileyi nta namba. N'iry'abapantekoti nta namba. Byakoze mu gihe cyabo. Ariko iki ni ikindi gihe. Igihe cy'ibumburwa ry'Ibimenyetso Birindwi. Nzi ko ibyo bishobora kubatangaza, ariko Imana yarabihamirije mu buryo butunganye cyane. Nta gushidikanya kuri byo. Ku buryo butunganye neza.

Simbwira ibi mu iteraniro ry'aka gace hano. Ndabwira abantu bari mu gihugu hose. Murabona ? Mubikoreho icyo mushaka.

106 Noneho, mwitegereze, Ijambo risizwe ry'igihe cyabo, iryo mugize, binyuze mu kugenwa mbere. Ni nkaho, akakanya, mwari murizi. Igihe mwumvaga ibyo, mwahise murimenya. Ko mwari ikizu. Mwebwe mwamenye kandi ko mutari, ku ntangiriro, umushwi w'idini. Mwari muzi ko hari ikintu runaka kikosa. Hari ikintu runaka kikosa, ni byo, kuko muzi ko mwategewemo aho, ku ntangiriro.

107 Yahanaguye isoni zanyu, “Maze azishyira mu Nyanja yo Kwibagirwa, binyuze mu koza kw'Amazi y'Ijambo, n'Amaraso y'Ubugingo”. Ni cyo Bibiliya ivuga. Umugabo wanyu wa mbere, uwo mwari mwarashakanye, Isi; Umukwe usizwe, wabagennye mbere, yabogeje binyuze mukoza kw'Amazi. Binyuze mu “Itorero”? “Oya.” Mushobora ahari, gusanga ibyo muri almanach [“Indangabihe”-U.I.], ariko atari muri Bibiliya y'Imana. “Binyuze mu koza kw'amazi binyuze mu Ijambo.” Mu Ijambo ! Murabona?

Muhagaze aho, mutsindishirijwe byuzuye, nkaho mutigeze mubikora na gato, ku ntangiriro. Dore Ubutumwa bwanjye ku Itorero, noneho. Ubwo tugiye kurangiza gusakaza, mu kanya. Muhagaze, - niba muhagaze ku Ijambo ry'Imana kandi hamwe n'Ijambo ry'Imana, kuri buri amen, buri nyuguti, buri karongo k'inyuguti, rero igihagararo cyanyu ni ikihe? Ndagerageza kubabwira kubatandukanya n'icyo gishishwa, maze mukaza hano, mu ngano, aho mushobora gukura, mu kugaragara kw'Umwana. ndumva umusaruzi aza. Muhagaze aho, mutsindishirijwe byuzuye, nkaho mutigeze mukora ibyo bintu, ku ntangiriro. Haleluya! Muravuga ku gushima! Ndumva nguwe neza. Ndashima cyane kubw'ibyo kuruta ikindi nzi icyo ari cyo cyose. Muri Umugeni w'Umwana w'Imana nzima, Wera, w'umunyangeso nziza kandi nta cyaha. Buri mugabo na buri mugore wese wabyawe n'Umwuka w'Imana, bogejwe mu Maraso ya Yesu Kirisitu kandi bizera buri Jambo ry'Imana, ni nkaho mutigeze mukora icyaha, ku ntangiriro. Muratunganye.

Amaraso ya Yesu- Kirisitu! Ni gute mushobora… niba umuntu…

108 Niba nagombaga kuzapfa ejo mu gitondo, maze umuntu agafata umwanya wanjye, sinapfira icyo cyaha. Umuntu runaka yaba yafashe umwanya wanjye. Kandi, Yesu, Jambo, yafashe umwanya wanjye. Yahindutse jyewe, umunyabyaha, kugira ngo mbashe guhinduka We, Ijambo. Amen. Nkomeze kuba indahemuka kuri ryo, Atari ku itorero. Ku Ijambo! Amen.

Yoo, ubu bumwe bw'umwuka bwa Kirisito n'Itorero rye, noneho, igihe Umubiri uhindutse Ijambo, kandi Ijambo rihindutse umubiri, rigaragajwe, rihamirijwe. Neza neza ibyo Bibiliya yatangaje kubw'uyu munsi, ni byo bibaho, umunsi ku munsi. Yoo, kandi ibi byirundanya cyane vuba, hariya mu butayu, kandi habaye ibintu, nta nabasha gukurikira. Twegereje kugaruka kwa Yesu, ugomba kuba umwe n'Itorero, igihe Ijambo rihindutse Ijambo. Uguhamagara kw'Umwuka Wera, urondora imitima!

109 Uhagaze aho byuzuye. Ndetse ntimwigeze mucumura, ku ntangiriro. Ndetse ko Imana nta byo izi. Biri mu Nyanja yo Kwibagirwa. Ntimwigeze mubikora. Mwarezwe ibyo, n'umurezi. Ariko, mu byukuri, kuva ku ntangiriro, mwagenewe mbere kuba abahungu n'abakobwa b'Imana. Muhagaze aho, mwogejwe. Kandi igitabo gishaje cyo gutandukana kwanyu cyateshejwe agaciro, kandi cyarapfuye, mubifatika kidahari, ndetse no mu bitekerezo by'Imana. Muri Umugeni wa Kirisito, umunyangeso nziza, wogejwe mu maraso ya Kirisito. Umwana w'igiciro w'Imana, umunyangeso nziza, nta cyaha, ahagaze hariya, hamwe n'Umugeni Jambo, Wera, utavangiye, yogesheje Amazi y'Amaraso ye bwite; yahindutse umubiri maze arigaragagaza, kugira ngo, kugira ngo abashe kubafata, mwebwe mwamenywe mbere, mu rukiryi rwa Data, mbere y'itangiriro, nk'uko We yari. Yari uwari ugize Imana ukomeye, yitwa “Urukundo”.

110 Icyo mwaba muri cyo cyose, muri abakozi b'Imana, icyo ari cyo cyose Imana ishaka ko mukora, umwanya wawe uwo waba ari wo wose. “Imana yashyize mu Itorero bamwe nk'intumwa, nk'abahanuzi, nk'abigisha, nk'abashumba…” yabibashyizemo mu mbaraga z'ibyo yo ubwayo yagennye mbere. Kandi ni cyo mwari cyo, kuva kugutangira. Gushakana kwanyu kwambere kwateshejwe agaciro. Yego. Ndetse

ntimwigeze mukora ibyo, ku ntangiriro. Kubera ko, ikintu kimwe cyashoboye gukora ibyo, ni uko Imana ubwayo yashoboye kumanuka igafata umwanya wanyu, mu ishusho y'Umwana w'Imana, Yesu Kirisito, kandi ko yabogesheje Amazi, binyuze mukoza kw'Amazi binyuze mu Ijambo. Ijambo; atari idini! Ni Ijambo ryabogeje. Ariko niba mudashaka guhagarara mu Mazi y'Ijambo, ni gute mugiye kozwa? Muranduye na none nka Eva.

Yoo Mwana w'Intama ukundwa wapfuye, Amaraso yawe y'igiciro

Ntazatakaza na gato imbaraga zayo, kugeza umunsi Itorero ryacunguwe ricyijijwe, ribohowe ibyaha burundu.

111 Icyaha, ni iki? Icyaha, ni "Ukutizera". Ukutizera kubirebana n'iki? Ijambo; ukutizera kubirebana n'Imana, ariyo Jambo.

Ryera, ritavanze ; Yoo, Haleluya ; vuba azataha yerekeje mu kirere; amen; ahagaze yiteguye. Mubitekerezeho. Imyambaro yogejwe n'Amazi y'Ijambo riva amaraso ! Ijambo ryahindutse Amaraso. Ijambo ryavuye amaraso kubwanyu, kandi mwogerejwe mu Ijambo riva amaraso. Ijambo, riva amaraso! Ubuzima bw'Imana, mu Ijambo, kandi Ijambo ryavuye amaraso kubwanyu, kugira ngo mwozwe imyanda y' ubwo busambanyi, mube mutunganyijwe kandi mwejejwe no koza kw'Amazi y'Ijambo, kandi ku bw'ibyo umwuka wanyu n'umutima wanyu wishingikirije bihamye ku Mana no ku Ijambo Ryayo.

112 Noneho, ni gute umenya ko ari ukuri? Igihe Imana imanutse ikabyemeza kandi ikabihamya.

Muravuga muti: "Rero, njye simbyizera muri ubwo buryo." Ntibabyizeraga mu buryo bwa Yesu, ariko Imana yarabihamije. Ntibabyizeraga mu buryo bumwe na Nowa. Ntibabyizeraga mu buryo bwa Mose. Bari biteguye kwizera Balaamu ku Ijambo: "Twese turi bamwe, noneho twifatanye." "Mwitandukanye", "No kutizera."Ni koBibiliya ivuga,

113 Haleluya! Noneho mwitegereze. Mwebwe, ntibigarukira aho, murajya mu bukwe, mu Ijuru. Maze mwambare impeta y'ubukwe, y'ubuntu bwagenwe mbere kandi butagereranywa, impeta y'ubukwe, ubuntu, butagereranywa kuruhande rwanyu. Ni Imana yasohoje ibyo, ubwayo. Yari ibazi Isi itarashyirwaho urufatiro, niho yabambikiye impeta ku rutoki y'ubukwe, yanditse izina ryanyu mu gitabo. Yoo, mbega ishimwe! Haleluya! Amashimwe ku Mana yacu!

114 Noneho, kugira ngo ndangize, ndavuga ibi. Tuzi ko itorero ry'iki gihe, rya pantekoti, mu mimerere yaryo yubu, kandi nshyizemo amadini yose! Nyashyizemo yose mu ipaki imwe, kubera ko barimo. Mwibuke, agiye kubanza kuzirika urukungu mu miba, maze abitwike. Gufata… abanza gufata ibitsinsi byose by'ingano maze abitwike; hanyuma afata, aje gufata ingano ze maze azijyane mu Rugo. Bariteranya bose, mu miba, umuba w'abametodisiti, w'ababatisita, w'abapantekoti, igihe bose bagiye mu mpuza madini. Ni byo gusa. Bose bagatwikwa. Murabona?

115 Twese tuzi ko itorero rigezweho, mu miterere ririmo ubu, uburyo rihagaze ubu, nta bwo riri na busa mu miterere yo kurangiza umurimo ukomeye Imana yahaye Itorero kubw'uyu munsi. Ni abapantekoti bangahe bashobora kuvuga "Amen" kuri ibyo? "Amen." Ni byo. Murabona? Turi abanyabumwe, ububiri, ubutatu, ibi, biriya cyangwa ibindi bintu, tugimpaka, tugatongana. Umwe ni iki, undi ni kiriya, n'ibindi bintu. Kandi bose, ntawuvuyemo, bafite ubwoba bwo gutumbira Ijambo mu maso ngo bakorerwe isuzuma. Murabona? Bazi ko. Urabibabwira, maze bakavuga bati: "Nta cyo nshoboye kubikoraho. Sinshobora kwizera ibyo. Sinitaye ku cyo yakora cyose."

Bigaragaza mama na papa mufite. "Mushobora kuba umugenzuzi mukuru, umunsi umwe. Mushobora kuba ibi, biriya cyangwa ikindi kintu." Wakora neza ubaye umwana w'Imana.

116 Noneho, tuzi ko itorero ritashoboye, ko itorero ry'abapantekoti ritashoboye, nta narimwe, nta narimwe, gusohoza Ubutumwa bw'iminsi yanyuma, mu miterere ririmo ubu. Ryabushobora? "Oya." Turebe, ntibabasha no kwemeranya ku Ijambo rimwe cyangwa abiri ya Bibiliya. Ni gute babishobora? Ntiryabishobora. Noneho, murabona, idini, ntirishobora. Ni byo. Buzaba ubwoko bwatoranijwe, bwatoranirijwe ibyo. Murabona?

Noneho, mumenye, n'ibi na byo, turabizi twese, ko imikorere y'amadini, ubupantekoti n'abandi bose, bapfuye, kandi ibi, ku Umukirisito w'Ubutumwa, wavutse bwa kabiri. Yego. Umugabo wanyu wa mbere yarapfuye. Muzi ko yapfuye. Imana yaretse apfa. Yararangiye. Uburyo bwose bw'ubushakashatsi, ubwenge, inyigisho, ubushakashatsi, by'ibyo bigo byiyitirira ibya Bibiliya, n'ibyo bintu byose byararimbutse. Ni iki batanze? Gucikamo ibice: abanyabumwe hano, abanyabutatu hariya, abanyabubiri hano, kandi hano, kandi akavuyo nkako, noneho bakiyita izina ry'abapantekoti.

117 Rero, umunsi umwe, nagiye kureba umugabo ukiri muto umwe ; ari kumva ubu nonaha nyine. N'umugore muto umwe, ugize itorero rimwe. Yaravuze ati… naravuze nti… bari baratandukanye. Naravuze nti: "Ni ikihe kibazo?"

Aravuga ati: “Ntidufite imyizerere imwe.”

Naravuze nti: “Yoo, mbabarira. Uri umu gatolika?”

Aravuga ati: “Oya.” Yambwiye idini abarizwamo, itorero ry'abapantekoti.

Naravuze nti: “Mwebwe se bimeze bite?” Na we yari umupantekoti, ariko w'irindi dini. Yoo!

Muzi ko idini rya katolika ry'i Roma, ku ntangiriro, ryari Pantekoti? Ni bangahe bazi ko ari byo? “Amen.” Byarifashe imyaka ibihumbi bibiri kugira ngo rigere aho riri ubu, kugeza ubwo ritemera na kimwe cy'Ibyanditswe. Na kimwe. Rero, abapantekoti, mu myaka makumyabiri, bazaba babi kurusha uko bari ubu, bikomeza kuba mu buryo biri ubu. Turebe, ni ukuri. Murabona? Ni ibiki? Ni ibiki? Murebe ninde papa na mama wabo. Bareka abagore bagakata imisatsi. Bashobora gukora ibyo bashaka byose. “Igihe cyose bagira itorero babarizwamo, ni byo bigombwa gusa.”

118 Yoo, ntibitangaje ko iteka ry'Imana rigeze kugipimo cyuzuye! Imana yarabyerekanye, mu mwuzuro mu maso yanyu. Kandi mugahumiriza amaso, kugira ngo mutabibona. Yego. Mugafunga imitima yanyu, igihe mubona Ijambo ry'ukuri ry'Imana, n'Ibimenyetso Birindwi, byahamirijwe ndetse ibyo ukuri kwahamije. Byahamijwe mu kirere, mu bihugu byose, ahantu hose, n'ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza yasezeranye kuzasohoza, na mwe, mugahumiriza kuri ibyo kandi mukavuga muti: “Mu by'ukuri simbizi.

Nta cyo nshobora.“ Murabona

Yoo! Barapfuye, kandi ntibabizi! Ibyaha n'ibicumuro, mwarapfuye. Yoo!

119 Twese tuzi ko itorero, muri iriya miterere, ridashobora kurangiza uyu munsi wanyuma. Ni gute ryabasha kwinjiza Malaki 4? Ryabibasha rite? Ndetse ntibizera ikintu nk'icyo. Ryabasha rite kwinjiza Luka 17:30? Ryabasha rite kwinjiza indi mirongo yose y'Ibyanditswe, yasezeranijwe ku bw'uyu munsi wa nyuma? Ntiryabishobora, kubera ko babihakana. “Ibyabaye mu gihe cya Loti ni byo bizaba mu kugaruka kw'Umwana w'umuntu.”

Murebe imiterere Loti yari arimo, Sodoma yarimo, muri kiriya gihe. Murebe imiterere y'itorero rya kiriya gihe. Murebe ibyabaye kuri Aburahamu, Watowe.

Murebe ibyabaye kuri Loti no ku bari i Sodoma. Murebe Billy Graham, Oral Roberts, ndetse n'abandi bari hariya, muri ayo madini. Murebe Itorero ryatoranijwe ry'Aburahamu, ryivanye hariya.

120 Murebe ubwoko bw'ikimenyetso Yesu we ubwe, Imana yigaragaje, yari ihagaze hariya mu mubiri wa kimuntu. Muravuga muti: “Yari Marayika.” Bibiliya ivuga ko yari Imana.

Umwami Imana, Elohim, wari uhagaze hariya, mu mubiri wa kimuntu, agaragaza ko azasiga cyane Itorero rye, mu minsi yanyuma: izaba ari Imana, Izongera gukorera mu mubiri wa kimuntu. “Ibyabaye mu gihe cya Sodoma ni byo bizaba mu kugaruka kw'Umwana w'umuntu.” Ibintu by'ubwoko bumwe. Barabibona, mu byanditswe.

“Murondora mu byanditswe, kubera ko mutekereza kubona ubugingo bw'iteka muri byo.” Kandi ni byo bihamya ibi.

121 Rero, tuzi ko bapfuye. Imana yarabaretse ngo bapfire muri gahunda zo kwikunda kwabo z'ubushakashatsi, n'amashuri.

Abapantekoti bose, igihe kimwe, bakundaga kuvuga ku- kohereza abana banyu mu icumbi ku ishuri rya Bibiliya, mu gihe aho umusaza Mwene Data Loyate n'abandi bari hano, kandi bari kubasohora hanze y'itorero. “Ariko, Yoo, ubu, ni ikintu gihebuje, ibi. Umuhungu wanjye ari mu icumbi ku ishuri rya Bibiliya.” Ari gucukura imva ye.

Rero, ubu, mutekeraza ko bashobora kwemera ibi uyu munsi? Muratekereza ko nshaka gushyigikira ubujiji? Nta bwo ari byo. Ibyo mbabwira, ni uko hari itandukaniro hagati y'iki gisekuru cy'ubwenge turimo ubu, aho itorero ryatewe inda n'ubushakashatsi n'izo ngirwa “Bitekerezo,” byose.

Ubwenge bwanyu ntibushobora kumva Imana. Kuki, abatambyi basanze Imana itunganye, bari bazi uko Mesiya azaza. Ariko yari atandukanye n'ibyo bari bazi, nta bwo byari ubushakashatsi. Ni gute uriya mugabo yaba ari umwana w'ikibyarwa? Yize he? Uburere bwe buva he? Ni hehe yakuye buriya bumenyi? Kuki ugerageza kutwigisha? Waravukiye mu busambanyi. Yoo, nah'urukundo rw'Imana.

122 Murabona ko ibintu bimwe byisubiyemo? Murabona ko ibintu byisubiyemo? Bose bamizwe mu bushakashatsi bwabo bw'iyobokamana, bushingiye ku byo amashuri yabo ya Bibiliya avuga. “Ni ngombwa ko ibyo bigenda muri ubwo buryo, niba atari uko, nta bwo ari byo.” Buri gihe Imana irabashuka. Ibintu bibaho mu bundi buryo. Ni cyo cyabaye mu gihe cya Nowa, byabaye mu gihe cya Mose, byabaye mu gihe cya Kirisito, byabaye mu gihe cya Yohana, byabaye mu gihe cy'Intumwa, byabaye mu gihe cya Wesileyi, byabaye mu gihe cya Luteri, byabaye mu gihe cy'Abapantekoti; kandi ni byo byongeye kubaho,

ikitegererezo ntigihinduka. Buri gihe ni ikintu kimwe kibaho. Habayeho abagorozi bonyine, muri byo birindwi, ibyo bisekuru bitandatu, kugeza ku cya karindwi. Kandi Ibyahishuwe 10 bivuga ko iyi saha, hazabaho impinduka. Kandi yarabaye.

123 Noneho, kubwo kurangiza, turavuga ibi. Kurangiza umurimo ukomeye, babishobora bate? Tuzi ko bapfuye. Imana yarabaretse barapfa, muri iki gisekuru cy'ubushakashatsi, bose, kugira ngo ibashe gukora iki? ihishure ubwiru bw'Ibimenyetso Birindwi ku Mugeni utari umunyedini. Ni gute idini ryashobora kwemera Ibimenyetso Birindwi, mu gihe ibi bihabanye neza neza, urubyaro rw'inzoka n'ibyo bintu bindi byose? Ubwiru Burindwi bwose, mu mwuzuro, buhabanye n'inyigisho bakiriye, kubera ko bemeye ishuri rya kera, bavanye mu ishuri ryabo rya Bibiliya.

Kandi Ibimenyetso Birindwi by'Imana, igihe byabumburwaga hariya ku musozi- Imana inyice aka kanya, kuri iki gicaniro, niba Atari ukuri. Kandi nabibamenyesheje mbere, umwaka umwe n'amezi atandatu mbere yuko bibaho, ibyo yambwiye: “Jya muri Arizona”, kandi n'ibizabera hariya mu butayu. Hari abagabo bicaye aha uyu mugoroba, bari bahari hariya, igihe Abamarayika barindwi bamanukaga. Ikinyamakuru Life cyatangaje ingingo yabyo. Hari hariya, mu kigo cy'ubushakashatsi, ndetse na buri kintu. Aho, ndetse ntibazi icyo ari cyo. N'ibyavuzwe byose, yoo, ndetse no gusenyuka kwa Califoniya, kuzaba vuba, n'ibindi bintu byose. Kandi nababwiye ingano y'iminsi bizaberamo, kandi uburyo bizabaho, hariya, ko hazaba uriya mutingito ukomeye muri Alaska, ko bizaba itangiriro ry'ikimenyetso cy'igihe, n'ibyajyaga kubaho. N'ijambo ku ijambo, ibyo yavuze, nta na rimwe ibyo byaneshejwe. Ntimwigeze mubona ibyo bineshwa. Kandi ibyo ntibishobora kuneshwa, kuberako ari Amagambo y'Imana. “Kandi Ijuru n'Isi bizashira, ariko ibyo ntibishobora kuneshwa!

124 Imana yajyaga kubumbura ibyo Bimenyetso Birindwi, atari mu idini, igihe cyose nahoze ndirwanya, ahubwo hanze y'idini, kugira ngo ibashe gufata Umugeni, Atari umugeni w'idini. Ntiyabikora. Bihabanye n'Ijambo ryayo bwite. Yahishuye ubwo Bwiru Burindwi, bwari bubugize. Ibi bigaragaza, bivumbura ibintu byari byarahishwe kuva Isi ishyirwaho urufatiro, kandi byajyaga guhishurwa mu minsi ya nyuma, Ku bana b'Imana. Noneho byavumburiye ibyo imbere y'abantu kugira ngo babone icyo byari cyo, dore, murahari, ibyo birebana n'uyu Mugeni utari umunyedini.

Yoo! Mbega! Dore ibitabo byanyu bibiri. Kimwe ni Igitabo y'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Muri icyo, izina ryanyu ryagenewe mbere kubamo. Ntirishobora kuvamo; mu by'ukuri, nta buryo na buto burimo bwo kurikuramo, murabona, kubera ko ryagenewe mbere kubamo. Ariko mu Gitabo cy'Ubugingo gusa, rishobora gukurwamo igihe icyo ari cyo cyose. Murabona? Niba mutihannye, mu buryo bwose, rikurwamo, kubera ko mugiye guca mu rubanza. Umugeni ndetse ntaca mu rubanza; ajya mu izamurwa.

125 Ndavuga ibi, kubwo kurangiza. burije, ni hafi saa tatu z'ijoro n'igice. Turaza gusohoka aha saa tatu n'igice, niba Umwami abishaka. Noneho mwiyubahe nyakuri, mwumve. Igihe kimwe…

Ndavuga ibi nonaha, kandi birakwirakwira mu mpande zose z'igihugu. Nonaha, muri New York, ni saa tatu na makumyabiri n'itanu. Hariya hose, muri Pfiladelpfie, kandi no muri aka gace, abera bakundwa bahariya barikumva, mu matorero, mu mpande zose. Hariya hose, mu majyepfo, hafi ya Mexique, hariya hose, muri Canada, kandi mu mpande zose wambutse mu gihugu. Hafi ibirometero Magana atatu byose [300 km], hose imbere mu mugabane w'Amerika y'amajyaruguru, hari abantu bari hariya, bari kumva muri akakanya. Ibihumbi incuro ibihumbi bateze amatwi. Ni Ubutumwa bwanjye ku bwanyu, Itorero, mwebwe mukoze ubumwe, ubumwe bw'umwuka binyuze mu Ijambo, mwebwe mwapfuye kuri abo bagabo bakera. Mwavutse bwa kabiri. Ntimukagerageze kumuzikura. Yarapfuye. Niba uri Umukirisito wavutse bwa kabiri, ako kabuto kateguriwe mbere kuba muri mwe, ni Ijambo ku Ijambo, ku Ijambo, ku Ijambo, ku Ijambo, kugeza gushyika ku gihagararo gitunganye cya Kirisito, ni byo, kugira ngo abashe kuza gushaka Umugeni we.

Noneho, twiteguye ikintu kimwe gusa: Ukuza kw'Umwami.

126 Dore izina ryanyu mu Gitabo cy'Ubugingo. Igitabo cy'Ubugingo, ni Ijambo ry'Imana, kubera ko Ijambo ari Imana, kandi Imana yonyine niyo Buzima. Noneho, izina ryanyu ryahagarariwe muri Bibiliya, mbere yuko Bibiliya iba mu Magambo. Kandi niba muri hano kugira ngo musohoze ibyo, ntari buhamirize iri Jambo? “Amen.” Itorero ntiriri bwihamye ubwaryo? Si byo Malaki 4 n'ibyo bindi bintu byose biri bwihamirize bitunganye, bitunganye, kandi byerekane ko ibyo ari ibyo biri byo? [“Amen.”]

Igihe Yesu yaje, yaravuze ati: “Niba ntakoze imirimo yasezeranijwe ko nzakora, ntimunyizere. ”Ni irihe tsinda yifatanije na ryo? Yaravuze ati: “Bose bafite… muri aba so satani, kandi mukora imirimo ye.” Murabona? Murabona?

Turi mu minsi ya nyuma, Torero. Ni Ubutumwa bwanjye bwo gushima kubwanyu.

127 Noneho, mbere yo kurangiza. Igihe kimwe, nagiye muri Pariki y'igihugu Glacier, twumvise bavuga umunsi wose ko urubura rw'umuriro rwajyaga kumanuka kuri uwo mugoroba. Noneho, abantu bari bahuze, umunsi wose, bategura ibyo, kubera ko bajyaga kugusha uwo muriro muri uwo mugoroba. Bashyize

ubwoko bw'umuriro usukika, umanuka nk'urubura rukomeye rw'amazi. Ariko ni bijya gusa hafi n'umukororombya. Usohoka muri uwo muriro umanuka, uva muri urwo rubura. Twazengurutse muri iyo parike, njye n'umugore wanjye, n'abana, twatembereye n'amaguru umunsi wose. Twifuzaga kuhaguma ngo turebe iyo myerekano, uwo muriro. Rero, badusezeranije ko turi bubibone, ko iyi nshuro na none, dushobora kubireba. Batubwiye ko ari ugukurura kwisubiramo impeshyi yose, n'ibindi. Naravuze nti: "Ni byiza, mbese dushobora kuyibona?"

Baravuze bati: "Twabisezeranye kubw'uyu mugoroba. Barabidusezeranya." Baravuze bati: "Bari hariya hejuru, bari gutegura ibyo nonaha."

128 Nyuma yuko byose byateguwe kubw'igikorwa! Ni byo biri kubaho muri uyu mwanya. Byose byateguriwe ibiri kubaho, Itorero asohoye, kubera Izina Rye, asohoye Umugeni we hagati mu Isi, muri aya madini, mu by'Isi byose, mu myanda n'ibintu by'Isi.

Abantu bose; igikorwa cyarateguwe. Abantu bose bari bahagaze hanze. Baratubwiye bati: "Noneho, mwitegereze neza, neza mu mpinga y'umusozi, hariya."

Ni uko buri gihe biza. Ni uko ibyo bigomba kuza iyi ncuro. Ni uko buri gihe biza. Bitanyuze mu idini! Imana ntiyigeze ikoresha idini, narimwe!

Umugorozi araza, yakira Ijambo ry'Umwami. Hanyuma, igihe apfuye, bakubaka idini kuri byo. Ni byo abapantekoti n'abandi bose bakoze. Igihe habaye "Ikibazo gishya", n'ibindi byose, neza neza ni uko. Ni uko ibyo bintu byabonetse. Ijambo rishya ryarongerewe, hanyuma bubaka itorero kuri byo; bakoze idini, baratandukanye ubwabo. Byasabaga ko bigenda gutya.

Rero, ntiwakora neza- ntiwakora neza nk'ibyakamere. Ibya kamere buri gihe bikurikira inzira: uruti, ikibabi, inganagano, n'ibindi n'ibindi, igishishwa, hanyuma hakaza ingano.

129 Noneho mwitegereze. Byose byarateguwe. Byose byaracanwe kandi biritegurwa. Kandi abantu bose bari bahagaze hanze. Nubuye umutwe, ukuboko kwanjye ngushyira ku ntugu z'umugore wanjye. Twararebaga. Abana bari bahari, twese twarebaga hejuru, gutya. Yoo! Byari ikintu nyakuri, kubera ko twari tubitegereje. Bari babidusezeranije.

Amen! Ijambo risezeranya ibi. "Noneho, mbere y'uko umunsi w'Uwiteka ugera, uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba, dore, nzabohererereza Eliya, umuhanuzi. Azagarura imitima y'abana ku ya base, n'imitima y'ab…." "Rero, mu minsi ya nyuma, nzasuka Umwuka wanjye." "Imvura y'umuhindo n'iyitumba bizagwira rimwe, mu minsi yanyuma." Ayo masezerano yose yatanzwe mu Byanditswe. Tureba hejuru. Tukitegereza Umugeni w'ukuri akwirakwira mu gihugu, muri iyi saha, Areba hejuru. Itorero, azaza, umunsi umwe. Neza neza nk'uko yaje ku nshuro ya mbere, azaza. Mutegure byose. Mwitandukanye n'igishishwa. Mugume mu kugaragara kw'Umwana. mukomeze kureba hejuru. Mube mu gutegereza.

130 Ako kanya, twumvise ikintu runaka giturutse ku gasongero k'umusozi, ijwi ryarumvikanye mu ndangurura majwi: "Byose birateguwe."

Noneho uwo mugabo wari uhagaze, iruhande rwanjye, yaravuze ati: "Umuriro numanuke." Kandi dore, wisuka ku musozi, urubura rw'umuriro n'ibirimi, byari bitangaje kureba.

Mwene Data, dutegure byose, kuko umusi umwe, Umuriro uzamanuka." Tuzazamuka. Noneho, twitegurire igihe umuriro uzamanukiraho. Turi mu minsi yanyuma, turabizi twese, kandi twiteguye kubwo kuza kw'Umwami. Ikigomba gukorwa. Ni ukwitandukanya n'ibyaha byose. Mwitandukanye n'iby'iy'Isi byose. "Ntimugakunde Isi, ndetse n'ibintu by'Isi."

"Ntihagire umuntu ubashukisha amahame ye." Mugume mugororokeye ku isezerano ry'Imana, ku Ijambo ry'Imana. Kandi iri Jambo, niba ari Ijambo ry'uyu munsi, Imana izabihamiriza. Nitabikora, nta bwo ari Ijambo rikwiye iki gihe.

Ijambo ryamanutse Umunsi wa Pantekoti, ntirizakora uyu munsi. Oya mugabo. Ibyo, byari ibya pantekoti. Ibi, ni iby'Umugeni, kugenda kw'Umugeni, utaha mu rugo. Twakiriye ikintu runaka gitandukanye. Abapantekoti, na none hariya, barabigaragaje. turi mu gisekuru cy'Umugeni. Kimwe nk'uko Ijambo rya Nowa ntiryari gukora mu gihe cya Mose. Kimwe nk'uko amategeko ya Mose atari gukora mu gihe cya Pawulo, hano; yagerageje kubibabwira: "Mwapfuye kuri ibyo, kandi ntimushobora kugira ibyo."

131 Itorero, mwebwe abo mbwira uyu mugoroba, mu mpande z'igihugu zose, niba- niba mwaritandukanyije n'amadini, n'imyanda yose ndetse n'ibintu by'iy'Isi, kandi n'ibintu byose bibahambirira mu mahame yakozwe n'akaboko k'umuntu, amategeko n'ibintu bisa na byo, niba mwaritandukanije. Murebe hejuru. Umuriro uzamanuka umunsi umwe. Imana izawuzana, kandi bizaba bitangaje kubireba. Muzaba mwiteguye igihe azazira? Muzaba mwiteguye kuzamukana na We igihe azazira? Izamurwa ry'ibanga ry'Umugeni w'indengakamere: "Azanyura mu gu-… mu gupfa ajya mu kudapfa; Azahindurwa, mu kanya gato, mu guhumbya kw'ijisho. Twebwe abariho, bazaba basigaye, ntituzabanziriza abasinziriye."

132 Umunsi umwe, yari ugutanga ihumure, kandi nari i Tucson. Umuhungu wanjye muto yashakaga kujya kureba akarasisi. Nari ndimo kwiga, kandi nta gihe nari mfite cyo kujya yo. Nari mfite henshi ho gusura abarwayi nahamagariwe. N'ibindi. Rero yarambwiye ati: "Papa, ntashaka kuhanjyana." Yaravuze ati: "Njyana."

Ndamubwira nti: "Ni byiza."

Mwene Data Simpson, ndizera ko ari hano, n'umwana we muto yashakaga kujyayo. Rero, nabazamuye mu modoka, maze njyayo mu muvuduko.

Nahagaze mu mfuruka y'umuhanda kugira ngo ndebe. Hanyuma yakanya, numvise kure urusaku rucecetse rwegera: "Boum! boum!", gukubita kw'ingoma. Nari mpagaze aho. Ndibwira nti: "Ni byiza, aba bahungu bato, nyakuri, basomye ibi bitabo byose, ku ngabo. Baraza kubikunda." Nitegereje, bwa mbere icyari kije, yari bulende ya kera y'Intambara ya mbere y'Isi. Yaratambutse, twari utubulende duto, gutya. Hanyuma, icyakurikiye, cyari- icyakurikiye, cyari bulende nini nshya y'Intambara ya Kabiri y'Isi, bulende nini Sherman hamwe n'umunwa wayo waka umuriro. N'ibindi n'ibindi, kimwe hanyuma y'ikindi, hanyuma y'akanya, haje ba Gold Star Mothers [abamama b'abasirikare bapfiriye mu ntambara-U.I.].

Maze hanyuma, bitinze gato, abahoze mu gisirikare cumi na babiri bari mu zabukuru b'Intambara ya Kabiri y'Isi, abo muri Leta ya Arizona bakiriho bonyine; abahoze mu gisirikare cumi na babiri. Hanyuma, igare ry'ifarasi riratambuka: umusirikare utazwi, afite n'umusaraba muto w'umweru. Hariho umusare, umusirikare wo mu mazi n'umusirikare, warindaga. Agakuta gato kari kazamuwe ku igare ry'ifarasi. Kuruhande rwaho, hariho umukecuru ufite imvi, yicaye aho, inyenyeri ya zahabu yometse ku ishati ye; umugeni mwiza muto, urira, umugabo we yari yarapfuye; umuhungu muto mu bushwambagara, wari uhindukije umutwe. Ise yari yarishwe. Maze inyuma y'uwo, haza benshi, haza n'abandi, haza n'abandi, nuko maze haza ingabo z'iki gihe.

Nari mpagaze aho. Mbega imyerekano itangaje, ariko ivanze n'akababaro!

133 Ndibwira nti: "Yoo Mana, umunsi umwe, nzitegereza indi myiyerekano."

Azaza umunsi w'umuzuko, maze rero "Abambere bazaba abanyuma; abanyuma bazaba abambere". Abahanuzi ba kera bazagaragara mbere, kandi bazabona uwo mutambagiro ujya hejuru, bagendagenda mu kirere. "Kandi natwe abariho, bazaba basigaye, ntituzabanziriza abasinziriye. Kuko impanda y'Imana izavuga, abapfiriye muri Kirisito bazabanza kuzuka." Tuzatonda inyuma yabo, dutaha, Haleluya, mu gihe cy'igisekuru cya Luteri, icya Wesileyi, abametodisite, abapuresipiteriyeni, n'ibindi n'ibindi kugeza ku gisekuru cyanyuma, abakiriye Ijambo ry'igihe cyabo.

Imana ibahe umugisha. Mutegure ibintu byose, kandi Umuriro uzamanuka.

134 Twubike imitwe akanya gato. Ndibaza niba, muri aba bateze amatwi bagaragara, uyu mugoroba, igihe nabagumanye aha mu gihe… kugeza saa tatu n'igice. Mbese haraboneka umwe hano, mbese haraboneka cumi na babiri hano, ni abantu bangahe hano, bavuga bati: "Mwene Data Branham, niteye isoni, z'ubuzima nabayeho. Nubamye kenshi imbere y'idini n'imbere y'abagabo. Nziko nta gendanye n'Ijambo ry'Imana. Ndabasaba byonyine kunsengera, Mwene Data Branham"? Muzamure ikiganza. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Murebe gato, hejuru mu mabaraza, na hose. Imana ibahe umugisha. "Nziko… "Ntimugire isoni, aho. Ntimugire isoni.

135 Na hariya, mu mpande zose z'igihugu, guhera i New York kugeza i Californie, guhera muri Canada kugeza muri Mexique, mwebwe muteraniye muri ayo matorero ku matsinda mato y'abizerwa bizera ubu Butumwa n'imitima yabo yose. Barasohotse, bava mu karengane gakomeye, basohoka muri ayo madini. Ni imbuto z'ubuzima. Mbese murumva ikifuzo cyo mu mutima, uyu mugoroba, nk'ikizu gito: murumva ikintu runaka gitandukanya gato n'ibyo mwumvise mbere, ariko nyamara, mu mitima yanyu, muzi ko ari Ukuri? Mwebwe, muri hariya, hari umushumba ahantu runaka, hariya. Mwazamuye ikiganza. Ngiye kubasengera.

Ibi bintu ntibyakozwe mu bwihisho, nshuti zanjye. Mwibuke: "Irembo rifunganye kandi inzira ifunganye, kandi hazabaho bake bazayibona." Ntimukurikire icyo kivunge, cyerekeza hariya, nshuti zanjye, iki gisekuru cy'itorero rya Lawodokiya. Ashobora gusimbuka, kubyina munsi y'imbaraga z'umuziki, ni akazuyazi. Noneho, ntihavuzeko ikonje cyane havuzwe: "Ko ari akazuyazi", ni itorero rya pantekoti, "Kandi nta bwo azi ko ari umutindi, wo kubabarirwa, impumyi". Impumyi ku iki? ku kugaragazwa kw'Ijambo, kubera ko ntiryigeze riza rinyuze mu idini ryabo. Ntibashobora kuryakira.

136 Kandi mwebwe abakozi b'Imana, bari i Tucson, uyu mugoroba, simbafata nk'ubishinzwe. Ni Imana Ibikora. Nari hariya mu gihe cy'imyaka itatu. Nababwiye ko nta zafungura itorero. Sinabikoze. Ni Mwene Data Pearry Green wafunguye rimwe. Nari hariya mu gihe cy'imyaka itatu, kandi ntimwantumiye n'incuro n'imwe ku gicaniro cyanyu. Nagumye i Tucson mu gihe hafi imyaka itatu. Imana izankura mu butayu, umunsi umwe. Ubu Butumwa bugomba kubaho. Nakoze ibyo nshoboye byose kugira ngo nemerwe muri mwe. Nzi impamvu mwabikoze. Muranyumva? Impamvu imwe yabateye gukora ibyo, ni ukubera ko idini ryanyu ryari kubasohora hanze. Kandi murabizi, benshi muri mwe, nababwiye, hariya kuri resitora Furr,

kandi muzi ko ari ukuri. Mukojejwe isoni.

Musohoke aho. Musohoke aho, Mwene Data. Niba hari ubuzima buke muri mwe, muzaba nka kiriya kizu gito maze kuvuga, muzumva Ijambo ry'Imana. Mwibuke, umunsi umwe, muzumva ibi ubwanyuma.

Turabyegereye, nonaha. Ntimushaka kuza uyu mugoroba?

137 Mana mukundwa, nonaha duteranye muruhame, kandi nyakuri ni umunsi wo gushimira, Mwami, ndagushimira, Mwami, kubaho muri uyu munsi. Ni umunsi uhebuje ubwiza. Pawulo, intumwa, yifuje bikomeye kubona uyu munsi. Abagabo bakomeye ba kera bifuje bikomeye kuwubona. Abahanuzi bifuje bikomeye kuwubona. Bari bategereje uyu munsi.

Aburahamu yarategereje uyu munsi, kuko yashakaga Umurwa uwo Umuhanzi n'Umwubatsi ari Imana; uri neza neza hejuru yacu, uyu mugoroba. Yohana yabonye Umwuka w'Imana umanuka uva mu Ijuru, yarabihamije, yari azi ko yari Umwana w'Imana. Kandi mutekereze, noneho, arimo guhitamo Umugeni We.

Mana mukundwa, hose mu gihugu, vugisha imitima yabo. Ni wowe wenyine ushobora guhindura imitima yabo. Niba hatari imbuto yashyizwe mo imbere kuva ku ntangiriro, ntibazigera babona ibyo ari byo, Mwami. Bo, byonyine gusa… "Impumyi zizayobora impumyi. Zizagwa mu mwobo", neza nk'uko kabiri na kabiri bitanga kane, kubera ko Ijambo ryawe ribivuga.

138 Noneho, Data, noneho ubwo tubona, mu mpande zose z'igihugu, mu Isi yose, muri Afurika, cumi na babiri, cumi na babiri, hose, muri Afurika yepfo, muri Mozambique, hose mu gihugu, amateraniro mato yakira aya mabande. Kandi iyi bande nayo, izajya mu bihugu makumyabiri bitandukanye. Batangiye kubona icyo byari byo, maze bakitandukanya, amagana n'amagana muri bo. Ntuzaba umubare munini, Mwami. Kandi rero, igihe urugingo rwa nyuma ruzaba rwakiriwe mu mubiri, Kirisito azaza.

Mwami Mana, nsabye Umugeni uyu mugoroba, abo numva ko bitandukanije kandi bategereje. Babashe kwitandukanya n'iby'Isi byose. Bagomba kuguma mu kugaragara kw'Umucyo ushyushye w'Umwana w'Imana, bavukire mu Ijambo Rye, mu Urukundo rwe. Bitwemerere, Mana mukundwa.

139 Wemere ko abantu bari hano, bagaraga, bazamuye ikiganza uyu mugoroba, cumi na babiri muri iyi Tabernacle nini. Ndasenze, bikore kubw'abari mu mpande zose z'igihugu kandi n'abari mu Isi hose, aho bazanyuza iyi bande, kugira ngo nabo bakire ubu Butumwa bwo gushimira kandi bamenye binyuze mu nsobanuro zakozwe n'ibindi ibyo bagomba gukora. Ni isengesho ryanjye, Data. Bitwemerere. Bahe umugisha. Ni abawe.

Noneho, nzi ko ikimenyerewe gukorwa, Data, ni uko basaba abantu kuza ku gicaniro. Ndasenze, Mana mukundwa, wemere ko, muri buri butumwa, hafi ya hose, ndetse no mu Isi yose, wemere ko baza ku gicaniro: abirabura, abazungu, abinzobe, ibihogo, aho bari hose; abakire, abakene, abatitaho, abasabiriza, abo baba bari bo bose.

Abagize idini, abakurikiye imyumvire yabo bwite kandi bishingiyeho ubwabo, Yoo Mana: "Bambaye ubusa, abatindi, imbabare, impumyi, kandi nta n'ibyo bazi." Wavuze ko bizaba bitya, kandi niko biri.

Rero, ndasenze, Data, nguhamagare buri Mbuto yose, uyu mugoroba. Kandi hose mu Isi, ahantu hose ibi bishobora kwisanga, bibashe gufata uwo mwana muto w'ikizu uzi Ijwi ry'Umwami we. Bitwemerere, Mwami. Ndabakuragije, mu Izina rya Yesu. Amen.

140 Noneho, imitwe yanyu yubitse, mu bari hano bagaragara. Mbese bamwe muri bo bari hano, batarakizwa, batanigeze baha Imana imitima yabo: ntimubona ko mwagombye kuba mushimira ku byo Yesu yakoze ku bwanyu? Ku gutekereza ko muri abanyabyaha, ko mwatandukanijwe n'Imana, ariko ko ikintu runaka cyakomanze ku mutima wanyu. Ni nde uzi niba mutari umwe muri abo bana b'ikizu! Muri abo kubabarirwa, kandi muzaba abo kubabarirwa igihe cyose mutazamwiyegurira. Kubera iki mutagira uyu munsi wo gushima ukomeye kurusha indi mwigeze kugira, uwo mwakiriyeho Yesu- Kirisito nk'Umukiza wanyu.

Murashaka kuza mugahagarara hano, iruhande rw'igicaniro? Ndasengana namwe, niba muje: abanyabyaha bose, umugabo cyangwa umugore, umuhungu cyangwa umukobwa, ubarizwa mu itorero cyangwa utabarizwa mu itorero. Ku kuba ugize itorero, ntibibagira umukirisito, ibyo. Igicaniro kirafunguye kuri bose. Murashaka kuza, abanyabyaha bose bashaka kuza kwakira Umwami Yesu Kirisito. Mwebwe nyakuri mwashakaga kureka… Bamwe muri mwe, ba banyedini, bashaka kureka kurya ibyo byokurya by'imishwi, aho bababwira ko "Mugize ibi, rero byose bimeze neza". Murashaka nyakuri kumenya icyo ari cyo umubatizo w'ukuri w'Umwuka Wera? Muze murebe.

141 Igicaniro kirafunguye kuri bose. Turiteguye. Muze, muze imbere, muve mu mwanya wa-wanyu. Muze imbere, muze mupfukame hano ku gicaniro; hari uyu Mwene Data umaze kuza.

"Mbega igikorwa cyo gushima, Yoo Mana, ndagushimira. Rero ubuzima bwanjye bwose, namenye ko hari ikintu runaka, Mwami. Sinigeze nyurwa. Naragerageje. Naribwiraga nti: "Umwaka utaha, nzabikora.

Icyumweru gitaha, nzabikora, ubutaha ninumva uguhamagara ku gicaniro. Nzabikora, umunsi umwe. Nahoraga nshyira ibyo ubutaha. Ariko, Mwami, nziko ikintu runaka kitagenda kuri jye. Nahoze nizera ko hari ikintu runaka gitandukanye. none ubu, Mwami, uyu mugoroba, ndashimira ibyo Umwana w'Imana yakoze, kugira ngo nozwe ibyaha byanjye, ukutizera kwanjye, none. Ndaje, uyu mugoroba, kandi ndapfukamye kubwo kwakira umugisha ukomeye w'igikorwa cyo gushimira, icyo Yesu Kirisito yakoze ku bwanjye, igihe yamfiraga, i Caluvari."

142 Murashaka kuza? Nonaha, hari abantu bapfukamye iruhande rw'igicaniro, hano. Kubera iki mudahaguruka ngo muze? Mwashatse kubikora. Mwaragerageje.

Mutekereze byonyine kuri Mwene Data Lyle Palmer, Mwene Data mwiza kandi w'igiciro. Yari mu mbuga ye, ngendeye kubyo nasobanukiwe, yarebaga umukobwa we muto wakinishaga croquet, cyangwa ikintu nk'icyo, maze yitura hasi, mu ntebe ye, apfa mbere yuko atambuka. Ntimuzi umwanya muzavira hano. Ntimuzi na gato umwanya muzagenderaho. Bishobora kuba kandi uyu mugoroba, noneho, kubera iki utaza ngo ukemure ikibazo nonaha?

Muze, nshuti. Mbese ntimwumva mukururwa n'ikintu runaka? Nzi- nziko hari benshi muri mwe bagombye kuba hano ku gicaniro, abantu batandatu cyangwa barindwi bari hano nta bwo ari bo gusa bari muri aba bateze amatwi. Noneho, niba munyizera, kandi mukaba mwarabonye ibintu biba hano ku gicaniro, munyizere nonaha. Umunsi umwe, ijwi ryanjye rizaceceka. Ntimuzongera kuryumva ukundi. Wenda uzifuza kuba wari kuza.

Muravuga muti: "Ariko, Mwene Data Branham, nari ugize itorero." Icyo mwabaye, nta cyo bihindura, ibyo. Nikodemu na we, yari- yari ugize itorero. Yohana, Petero, Yakobo, Pawulo, ndetse n'abandi bose na bo, bari abagize itorero.

143 Pawulo yari agize itorero, kugeze ubwo ikintu runaka kibayeho, umugoroba umwe, cyangwa nako, umunsi umwe, noneho yaraje. Arahindurwa, ava mu kuba ugize itorero aba umwana w'Imana. Ntimushaka kuza? Yoo, yari yarahuguwe. Yari umunyabwenge. Yari azi ko yari yarahuguwe, yari yaratojwe na rimwe mu mashuri meza y'icyo gihe, anyuze kuri Gamaliyeli, umwe mu bigisha beza b'igihugu. Ariko yari azi ko yarakeneye ikintu runaka.

Ntimushaka kuza? Indi nshuro imwe, ndabibasabye. Aho… yaba hano cyangwa cyangwa aho ari ho hose mu gihugu, ndabibasabye, aho mwaba muri, kandi n'iteraniro mwaba muri mo, kuri iyi saha yo gushima. Mwibuke ko bari gufata amajwi, hano; nta bwo ari hano gusa, ahubwo mu ijuru.

Murazi, byahamijwe n'ubushakashatsi ko buri kunyeganyega kose mukora gufatwa. Bahamije ibyo. Mwibuke, televiziyo irabihamya. Televiziyo nta- nta bwo ikora amashusho. Ishusho ni mwebwe. Icyo ikora gusa ni ugukwirakwiza mu muyoboro ibyo muri gukora. Muri hariya. Uko biri kose. Murabona? Iyo munyeganyeje urutoki, uko kunyeganyega kuzenguruka Isi. Buri gihe iyo mwambaye ikanzu, uko mugaragara kuzenguruka Isi. Byafashwe. Buri gitekerezo gitambuka mu bitekerezo byanyu kirafatwa. Kandi umunsi umwe, ugufatwa kuzarangira, bizashyirwa muri Alubumu.

144 Kandi, ku rubanza, izagaruka. Mwireba, imisatsi ikase, mwiyita abakirisitu. Mwibona, n'ibitekerezo birwanya Ijambo, kandi byari neza, mu bitekerezo byanyu. Ntimushobora kubihisha. Mwibuke, televiziyo ndetse n'ubushakashatsi buzi ko ari ukuri. Ubu nyine, murabizi, ko mwagombye kuba hano, mwibuke, igihe ibi byafashwe. Ku munsi w'Urubanza, iki gitekerezo ndetse mufite nonaha kizongera kubagaruka mu bitekerezo. Ibyo bizaba byarafashwe. Isi yose izabibona igihe bizaba bitambutswa. Mbese kubera iki Isi ita… bazababona, ku munsi w'urubanza, kandi n'abamarayika bose bazaba bahari.

"Niba mumfitiye isoni hano, igihe nonaha nyine amashusho yanyu ari mu gufatwa, ku munsi w'Urubanza Nzabagirira isoni. Kuko Nasize Ijambo Ryanjye, Ndariboherereza. Ntimwashatse kuryizera. Mwihishe inyuma y'ikintu runaka."

"Yoo," ibyo birasa nibihagije. Nakoze ibi. Nakoze biriya. Nabyinnye mu mwuka. Navuze mu ndimi. Abapagani nabo barabikora. "Narasakuje." Abapagani na bo barabikora. Noneho, ni gute mushobora gutera umugongo Ijambo?

Kubera iki?

Utamusanga nonaha?

Kubera iki? Kubera iki?

Utamusanga nonaha?

Kubera iki utegereje, Mwene Data mukundwa?

Yoo, kubera iki ukererewe igihe kirekire?

Yesu ategereje kugukiza,

Umwanya mu buturo bwe bwejejwe.

Akugira urugingo rumwe mu ngingo z'Umubiri We!

Kubera iki?

Yoo, mwana w'ikizu, ngwino.

Yoo, kubera iki utaza?

145 Mwami, ndashimira, ndashimira cyane. Nguhaye amashimwe yanjye, Mwami, atari kubw'amafunguro ya kamere, nubwo mbishimira. Ariko Mwami, turi mu gihe cya nyuma. Ndashimira kubw'iri Funguro ry'Umwuka, Mwami, Ifunguro ry'Umwuka, ry'Ibimenyetso Birindwi, byasezeranywe, kubumburwa.

Muravuga muti: "Ibyo, bizaba ikindi kintu runaka." Oya, Oya.

Ntushobora kongeraho ijambo rimwe. Cyangwa kurikuraho… bisanzwe birimo imbere, ariko byonyine birahishwe. Byari bifatanijwe ikimenyetso. Ni bangahe basobanukiwe ibi? Muvuge muti: "Amen." Muravuga muti: "Ni byiza, ibi, buzaba ari ubwiru buzabwirizwa." Oya, Oya.

Bisanzwe byanditse, ntushobora kongeraho ijambo rimwe, cyangwa gukuraho rimwe. Murabona? Bisanzwe birimo imbere. Bigombwa byonyine guhishurwa, mu minsi ya nyuma.

146 Ntimushaka kuza? Muze ubu nonaha, nshuti zanjye. Niba mutabisobanukiwe, muze, mupfukame maze mubimubwire. Niba nta shobora kubagaragariza ibintu neza, We, arabikora, kuko ari we- we umaraho gushidikanya kose.

…mu ntebe ye y'ubwami yejejwe.

Yoo, kubera iki, udashaka kuza?

Kubera iki

Utamusanga nonaha?

Mwibuke, barimo gufata ibi, atari gusa kuri iyi bande, ahubwo ku gufata gukomeye kw'Imana. buri wese muri mwe, buri kwinyeganyeza, igihe mwubitse imitwe, mwubitse imitima yanyu, igitekerezo kinyura mu bitekerezo byanyu, mwibuke, birafashwe, ubu nyine mu Bwiza, kandi ugufata kuzatambutswa ku munsi w'Urubanza. Icyemezo cyanyu kiri he? Yoo, mbega ukuntu muzashaka ko bihinduka, uriya munsi.

147 Ngiye gutegereza, kubera ko hariho benshi, abantu benshi bagose igicaniro, nonaha. Murabona? Hashobora kuba hari na none umwe hariya, niba ntegereje na none gato, hashobora kuba hari umwe hariya, bishobora kuba ahantu runaka muri New York, bishobora kuba ahantu runaka muri Pfiladelpfie, cyangwa muri Californie, muri Arizona. Ahantu runaka, bishobora kuba undi muntu runaka ashobora kuza. Abashumba, aho mwaba muri hose, mwishyira iherezo ku guhamagara ku gicaniro nonaha.

Byashoboka ko tutabona undi munsi wo gushima. Uyu ushobora kuba uwa nyuma. Noneho ugufata kurashyirwa mu bubiko, uyu mugoroba, ku ncuro ya nyuma. Umunsi umwe, bandi izagera ku iherezo. Ugufata kuzahagarara maze gushyirwe muri alubumu y'Imana. Hanyuma, izatambuka: ibitekerezo mufite muri uyu mwanya. Ntimuvuge ko mutabimenye. Murabizi. "Ariko nta waza aho ndi, niba Data atamukuruye. Kandi abo Data yampaye, bazaza."

148 Ndizera ko niba njye, nari nicaye hariya, ahantu runaka, maze igitekerezo gitoya kikanzamo cyo kubikora, nakagiye imbere mu muvuduko wose, ibyo, ni ukuri. Yego.

Yoo, kubera iki? Kubera iki?

Mbese birarangiye, kuri mwe? Muhamirijwe neza ko mutateje agahinda Umwuka We muri uyu mwanya? Noneho tugumishe imitwe yacu yunamye. Muhamirijwe neza ko mutateje agahinda Umwuka We? Muhamirijwe neza ko mwakoze neza neza ibyo yababwiye gukora? Murahamirijwe, nonaha? Mwibuke, byashoboka kuba mutazongera kubona andi mahirwe. Ugufata gushobora kurangira uyu mugoroba. Bishobora kuba byose. Muhamirijwe neza ko mwiteguye nonaha? Niba ari yego, mbirekeye mu biganza byanyu, mu Izina ry'Umwami Yesu.

149 Mu gihe Korali iririmba ituje, ngiye gusengera abari hano. Ndi umuKirisitu w'ubwoko bwihariye cyane. Nizera ko ari Imana igomba gukiza abantu. Nizera ko ari Imana igomba gutera Ijambo. "Njyewe, Uwiteka," ni cyo Bibiliya ivuga, muri Yesaya, "Njyewe, Uwiteka, narariteye. Nzaryuhira amanywa n'ijoro, ku buryo batazazikura mu kiganza cyanjye."

Mbere yuko nsaba umuntu runaka kuza ku gicaniro asanga aba bantu, ngiye njye ubwanjye

kubasengera. Duce bugufi dusenge.

150 Yesu mukundwa, nasubiyemo byonyine Ijambo ryawe, icyo umuhanuzi wawe yavuze, kandi nziko amagambo y'abahanuzi ari ukuri. Kandi waravuze uti: "Njyewe, Uwiteka, narariteye." Nyakuri, kubera ko, warishyize mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama, mbere yuko Isi ishyirwaho urufatiro. "Njyewe, Uwiteka, narariteye, kandi nzaryuhira amanywa na n'ijoro, ku buryo batazazikura mu kiganza cyanjye." aba, Mwami, wenda bumvise uguhamagara kutabarika ku gicaniro. Ariko ukomeje kuryuhira, Mwami.

Ngaba, uyu mugoroba. Babashe byonyine kwitandukanya, uyu mugoroba, Data, n'ibintu byose by'Isi, n'ibyaha byose ndetse n'amaganya yose bafite mu mutima, kandi byonyine, n'ubushishozi bwabo no kubaha, ko bivuye mu ndiba y'imitima yabo biyegurire Ijambo ryawe, ubu nyine, bavuga bati: "Mwami Yesu, mu ndiba y'umutima wanjye, nahoze nizera ko hari ikintu runaka ku bwanjye, ntari nakakira. Nubwo nagerageje, nk'uko ibyo byagaragajwe uyu mugoroba, gukurikira inkoko, ariko hari hari ikintu runaka cyamberaga inzaduka. Ntibyumvikanaga neza, none uyu mugoroba, ndumva nje nonaha ndushijeho kwegera, mu biganza by'Ijambo rizima. Nzanye hano ukubaha kwinshi, n'ubushishozi, mfukamye hano, iruhande rw'iki gicaniro. Ndifuza cyane agakiza, Mwami. Ndashonje cyane! Ndifuza, Mwami, ko wamfata mu biganza byawe, uyu mugoroba. Bitanyuze mu marangamutima, ahubwo binyuze mu Mwuka w'urukundo, mfata mu biganza byawe, Mana mukundwa.

"Ndi umwana wawe. Ndumva ko ndi icyo kizu bavuze. Mfata, Mwami. Ndasimbutse. Nahagurutse mu byicaro byanjye, maze mfukama hano. Mfata, Mwami. Ndasimbutse. Njyana ku mababa yawe, Mwami, kure y'ibintu by'Isi. Mbashe kuguruka kure y'umwanda w'Isi, n'akamenyero kanjye kabi, n'imihango yanjye yose ya kidini. Mbashe kuza kuri wowe, kuri wowe gusa, Mana mukundwa, kugira ngo Umwuka Wera abashe gukwirakwiza muri njye imbabazi zawe zo gushidikanya kwanjye kose. Mbashe uyu mugoroba, mpinduke umwana wawe, uvutse bwa kabiri, icyaremwe gishya, uyu mugoroba. Njyana kure, kugera mu cyare cy'ikizu, aho nshobora kurya Ijambo ry'Imana, kugeza ubwo menye kuguruka."

Byemere, Mana mukundwa. Bafate. Ni abawe. Ni isengesho ryanjye nkuye mu mutima, ku bantu bapfa. Byemere, Data. Ngusenze iri sengesho kubw'ubuntu bwabo. Ni kubw'icyubahiro cy'Imana mbisabye.

Rero, imitwe yacu yubitse.

151 Ndibaza, abapfukamye, hano bagose igicaniro. Benshi muri mwe biyitiriye kuba Abakirisitu, ariko mwumvaga ko hahoze hari ikintu runaka, ahantu runaka, mudafite. Mushobora kuba mwarujuje ibikorwa byose by'iyobokamana. Mushobora kuba mwarasakuje. Mushobora kuba mwarakoze byose. Mushobora kuba mwarabyinishijwe n'Umwuka. Mushobora kuba mwaravuze mu ndimi. Kandi nta n'umwe ushobora kubivuga nabi. Ni byo. Ibyo byose, ni byiza. Ariko, murabona, ibyo, ni impano z'Umwuka, nta Mwuka. Niba Mwuka yari hariya, aya marangamutima ntiyaba hariya, aya maranga mutima yo kwicira urubanza. Nyakuri mwizera, n'ubunyakuri bw'umutima wanyu wose, igihe muri hano ku gicaniro, ko ubunyine, mu gihe muri hano, mu gikorwa gusa cyo kwitandukanya, bitanyuze mu marangamutima, hariya, ahubwo n'ukwizera kw'ukuri kandi kutavangiye, ko Imana izabakira kandi ikazabagaburira Ijambo ryayo, kugeza ubwo ubwanyu mubaye ibizu kandi mushoboye kuguruka? Niba ari ko biri, kandi mukaba mushaka ko Imana ibikora, muzamure ikiganza. Buri wese yazamuye ikiganza.

152 Nonaha, n'umutuzo mwinshi; ngiye gusaba abagabo n'abagore biyeguriye, nyakuri bazi Imana… benshi muri bo, kandi ntibisanzwe cyane, ariko bisa nkaho, ari uko, abitaba uguhamagara ku gicaniro nkora, muri rusange, benshi muri bo ni abagabo. Muzi, muri rusange, nk'ibisanzwe ni abagore. Ariko aha, bose ni abagabo. Ndizera ko hari umugore umwe gusa ku gicaniro, uyu mugoroba, bashobora kuba babiri. Mu bisanzwe ni abagore. Ariko kubw'impamvu imwe cyangwa indi, ndakeka, ko abagore batekereza ko navuze mbarwanya. Oya, mushiki wanjye. Batatu, ndizera ko umuntu runaka yavuze ko ahabona batatu. Sindikubona ndengeje amaso igicaniro, hano. Ni byiza.

Abakirisitu bamwe muri mwe biyeguriye Imana muze hano, dusengane, akanya gato. Ku gicaniro, aho waba uri hose, ku gatuti, umuntu nyakuri uzi Imana, uzi uko uguma hano mu isengesho hamwe na bo mu minota mike, hanyuma turareka abantu bagende. Buri wese yubahe nonaha. Ntimugende. Muze muhagarare hano, iruhande.

Bamwe muri mwebwe, bizera nyakuri ko ibi ari Ukuri, ko twinjiye mu kindi gihe. Twinjiye mu gihe cy'Izamurwa. Murazi, itorero ntirishobora kugenda mu miterere ririmo, kandi ntirishobora kwiyungura. Birushaho kuzamba Ni bangahe babizi? Muvuge muti: "Amen. "Amen." Birushaho kuzamba. Kandi ntirishobora kugenda gutyo. Murabona? Ni ngombwa ko habaho Ikintu Runaka, nshuti zanjye kirahagurutse, ikintu runaka, kubw'Umugeni. Ni Ukuri. Niko UMWAMI AVUZE. Nimuze imbere, abakirisitu biyeguriye Imana, bashaka ko ugufatwa kwanyu kubasha kubona ko, aba bantu bazanye ubunyakuri, murashaka kuza gusengana na bo, kuko ni bene so na bashiki banyu, mwigire imbere impande y'igicaniro. Muze muhagarare hano, akanya gato. Kubw'Isengesho Undi muntu ushaka kuza? ahagarare hano. Mupfukame byonyine iruhande rwabo. Mubasange, mwebwe abagabo begereye abo bagabo; mwebwe abagore. Mutuje, muciye bugufi, mubasengere.

Mana mukundwa, fasha.

153 "Nguhaye byose. Nguhaye idini ryanjye. Nguhaye ubukwe bwanjye bwa mbere. Nguhaye umugabo wanjye wa mbere. Nguhaye byose, Mwami." Byose ni ibyawe, mukiza...

Byose ndabikweguriye

Nkweguriye byose (Umweguriye ibitekerezo byawe?

Ushobora kwegurira ibitekerezo byawe Ijambo ry'Imana?)

Byose ni ibyawe, mukiza wanjye Nkweguriye byose.

154 Noneho, abizera bose, mu ruhame, bahaguruke. Twese turirimbe, noneho.

Byose ni ibyawe, mukiza...

Byose ndabikweguriye

Nkweguriye byose (Umweguriye ibitekerezo byawe?

Ushobora kwegurira ibitekerezo byawe Ijambo ry'Imana?)

Byose ni ibyawe, mukiza wanjye Nkweguriye byose.

Noneho, nzinganziga y'igicaniro, niba umwiyeguriye by'ukuri, zamura ikiganza cyawe, uririmbe, nkweguriye byose. Nkweguriye idini. Nkweguriye idini. Nkweguriye urusengero. Nditanze. ntanze igitekerezo cyanjye. Byose ni ibyawe, mukiza wanjye, byose ndabikweguriye.

Wowe ...

Nkweguriye byose

Nkweguriye byose

Byose ni ibyawe, mukiza

Nkweguriye byose

Urabitekereza koko?

Nkweguriye byose.

155 Mwebwe muri hano, ku gicaniro, Itorero ryabasengeye. Mwebwe ubwanyu mwasenze. Noneho, hariho uburyo bumwe gusa mwashobora gukizwamo, kandi ni "Binyuze mu ukwizera ko mwakijijwe, kandi ni binyuze mu buntu". Ubuntu bw'Imana bwababavugishije, bwabayoboye ku gicaniro. Muri gushaka imigisha y'Imana. Muri gushaka Ijambo rye. Muri gushaka Umwuka Wera. Muri gushaka ubuntu bw'Imana. Niba ariko bimeze, kandi nyakuri mushobora, n'umutima wanyu wose, gutanga byose. Noneho, mwishaka amarangamutima. Mushake Ukuri, Ukuri, ko mu ndiba y'umutima, binyuze mu Ukwizera. "Mwami, niteguye gukora ibyo Ijambo ryawe rintegeka byose gukora. Ndiyeguye, n'ibiri muri njye byose."

Niba mwizera ibi n'umutima wanyu wose, ndashaka ko muhaguruka, muhindukire mwerekeye iri torero, mwerekeye abateze amatwi, kandi muzamure ibiganza, noneho tugiye kuyiririmbira hamwe, hamwe n'abateze amatwi: "Nkweguriye ibiri muri njye byose, yoo Mana. Uko kumenya kwanjye kungana, uwo ndi we wese, ndabikweguriye.

Muzamuke ku gicaniro hano, mwebwe muri ku gicaniro. Muzamuke hano, ku gicaniro, Bene Data, neza hano, mwebwe mwese, Bene Data na bashiki banjye.

Murebe hano, itorero.

156 Mushiki wanjye hano, uturutse mu idini. Yavuze ati: "Ndi uwo mu idini." Singombwa kuvuga izina. "Akora muri ryo. Ariko yavuze ati: "Mwene Data Branham, ndashaka gusanga Ukuri. Ndashaka ikintu runaka badafite. " Murabona?

Mureke nsubiremo Ijambo Rye. "Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, kuko bazahazwa." Noneho, mwebwe mumaze kugera ku gicaniro, niba mwiteguye kureka abo muri bo, kubwo kubaha Ijambo ry'Imana. Iki cyumweru, nta numwe wababwiye ikigombwa gukorwa. Noneho, muzamure byonyine ibiganza nka gutya, mureba abateze amatwi. Noneho, mwebwe muri hano, ku gicaniro, tuyiririmbire hamwe, yego, fata byose, Mwami. Twese hamwe.

Byose ndabikweguriye,

Byose ndabikweguriye,

Byose ni ibyawe, Mwami!

Byose ndabikweguriye.

157 Mbese nyakuri murakomeje? Muvuge: "Amen."Muvuge: "Amen", indi incuro. Muvuge: "Mwami, ndondora. Ngerageza. Mpa amahirwe. Ibyo nshobora gukora uyu mugoroba, ni ukukwiyegurira. Uzi inzara y'umutima wanjye. Uzi ikifuzo cyanjye. Isezerano ryawe, ryari uguhaza icyo kifuzo." None aha ndaryemeye. Kandi ndakwiyeguriye.

Twese hamwe.

Byose ndabikweguriye,

Byose ndabikweduriye,

Byose ndabikweguriye, Mukiza wanjye mwiza.

Byose ndabikweguriye.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7